# Imana Ikomeye Itwikuruwe Imbere Yacu

Philadelphia, Pennsylvania, USA
29 Kamena 1964

1 Mfite ibyanditswe bike hano nshaka kubabwira, kandi niringiye ko Imana iribuhe umugisha umuhati wacu mu ntege nke. Noneho, abantu benshi bibaza ukuntu turi intamenyekana kandi tukagira urusaku. Murazi, iki ni ubwoko bw'igiterane bwihariye kurusha uko abantu bari basanzwe babireba; kandi buri kintu cyose kimeze nk'icyateguwe kandi bidateganywa ko gihinduka. Ariko igihe tuje muri ibi biterane (aribyo byabaye amahirwe yanjye ubu mu myaka myinshi ishize guhera ubwo byatangiye bwa mbere), iyo tuje tuba nta gahunda ifatika dufite, turaza maze tukiyegurira Imana ubwacu. Icyo nicyo kintu cyonyine tuzi gukora. Kandi Imana igakora ibisigaye kuri byo. Bityo ibyo bitugira abantu bakora uburyo butumvikana.

Undi munsi umuntu yaravuze ati, "Murazi mwe bantu muri nyakuri intamenyekana."

Maze ndavuga nti, "Rero, ndatekereza ari uko turi."

2 Kandi ndibuka kimwe mu biterane. Mwene Data Troy yarimo ambwira igihe kimwe Umudage muto uwo wavuze ko yakiriye Umubatizo w'Umwuka Wera. Kandi ku munsi ukurikiyeho mu iduka, aho yakoraga, azamura ikiganza cye, maze ashima Umwami, maze avuga mu ndimi, maze yifata ukuntu kutumvikana. Maze amaherezo, umukoresha araza nuko aravuga ati, "Heinie, ni ikihe kibazo ufite?"

Aravuga ati, "Oh, nakijijwe." Aravuga ati, "Umutima wanjye wuzuye umunezero."

Aravuga ati, "Rero, ushobora kuba wari kumwe na rya tsinda ry'insuzugurwa hariya hepfo."

Aravuga ati, "Yego! Icyubahiro kibe icy'Imana!" aravuga ati, "Urakoze Mwami kubw'izo nsuzugurwa." Aravuga ati, "Uzafate imodoka umanuke umuhanda" ati, "maze ukuremo utwo twuma dufata amaburo, nta kindi uzabona uretse ikintu kigenda kivuza induru." Kandi ibyo ni ukuri, urabizi.

3 Umunsi umwe muri California, narimo manuka mu muhanda wa Los Angeles, maze mbona umuntu ufite ikimenyetso mu gituza cye na hano; maze aravuga ati, "Ndi umusazi wa Kristo." Kandi buri wese yarimo amureba, kandi akamureba atambutse. Maze ndatekereza ngo reka mbakurikire. Kandi aho... mu mugongo we haravuga ati, "Wowe se uri umusazi wa nde?" Ndatekereza ko turi intamenyekana umwe ku wundi, murabizi. Ariko, murazi, isi iri muri iyo mimerere aho buri wese ari mu bye, kugeza ubwo ikintu kinyuranye n'ibyo kiba ari ikidasanzwe, kugeza ubwo abantu batekereza ko hari ikitagenda. Kandi ni ibisanzwe Imana ikora ikintu kidasanzwe kugira ngo abantu bagaruke kuri Bibiliya nanone.

4 Nshobora gutekereza ko Nowa yari ubwo bwoko bw'intamenyekana kuri icyo gisekuru cy'abanyabwenge yabagamo, kuko bashoboraga kwerekana ko nta mazi ari mu kirere. Ariko Imana yaravuze iti aho azaba ahari, nuko Nowa abwiriza ibyo kandi arabyizera, ahinduka intamenyekana. Kandi nshobora gutekereza ko igihe Mose yamanutse muri Egiputa, yari ubwoko bw'intamenyekana kuri Farawo; ariko mwibuke, Farawo yari intamenyekana kuri we na we. Bityo bo... Ibyo turabibona.

5 Yewe no kuri Yesu bamufataga nk'umunyagice. Uko niko biri. Martini Luteri yari intamenyekana kuri kiliziya Gaturika, kandi John Wesley yari intamenyekana ku Bangilikani. Uko niko mubizi, ubu igihe kiri hafi cy'indi ntamenyekana; ese siko mutekereza? Ariko mbere y'uko habaho iburo, murazi, hagomba kuba ivisi yo kuyifungamo. Bityo murabizi, Nowa kubwo kuba iburo, byasabye iburo, bizana n'ivisi... Byahuje ibintu kandi bifatanya ibintu hamwe. Nuko Nowa yashoboye gukurura abo bose bashoboraga kwizera ngo binjire mu nkuge basohotse mu rubanza kubwo kuba iburo. Tubona ko Mose yakuruye Itorero akarisohora muri Egiputa kubwo kuba iburo. Uko ni ukuri.

6 Ndatekereza ko dukeneye iburo ubu kugira dukurure Umugeni asohoke mu itorero. Dukeneye ikintu ubu, ikindi kintu.

Noneho turi ubwoko bw'abantu bameze uburyo butumvikana, iyo Umwami aba abishaka, najyaga gusoma ibyanditswe bijyanye n'ibi, kandi nari kuvugana namwe akanya gato, kandi nkagerageza kubereka impamvu turi mwene abo bantu bameze mu buryo butumvikana.

Reka dufate mu Byanditswe ubu Abafilipi igice cya kabiri umurongo wa mbere kugera ku wa 8, kandi no mu Bakorinto ba kabiri ibice 3:6; noneho reka dusome, nkuko tubyizera, Ijambo ry'Imana. Kandi noneho, mbere y'uko dusoma, reka twubike imitwe yacu kubw'isengesho.

7 Data wo mu ijuru mukundwa, turi nyakuri abanyamugisha uyu mugoroba kubwo kuba muri iki gisekuru, no kubona ibintu turimo kubona biba, ndetse no kumenya ko igihe kiri hafi cyane ubwo Yesu agiye kugaruka muri iri torero. Oh, ibyo binezeza cyane imitima yacu, Mwami kandi nkuko turimo kurambura impapuro uyu mugoroba, turasenga kugira uduhe icyo kuvuga kuri iki kibwiriza; kandi reka Umwuka Wera ahishurire imitima yacu ibintu bishobora kuba byiza kandi bikanezeza Imana. Kubera ko tubisabye mu izina rya Yesu. Amena.

8 Murabizi, nizera ko nzabasaba gukora ikintu. Nkunda gusaba ibintu bitamenyerewe, kandi ndibwira ko ntasabye ikintu kidasanzwe. Ariko iyo turimo kubaha ibendera, twe turahagarara; maze ibendera

rigatambuka, turahagarara aribyo dukwiriye gukora; kandi tugahagarara ngo turiramutse. Reka duhagarare ku maguru yacu mu gihe turi gusoma Ijambo, niba mubishaka. II Abakorinto 3:6

*Ni yo... yatubashishije kuba ababwiriza b'isezerano rishya batari ab'inyuguti, ahubwo ni ab'umwuka kuko inyuguti yicisha, naho umwuka uhesha ubugingo.*

*Nuko rero, niba imitegekere y'urupfu yanditswe igaharaturwa ku mabuye yarahawe ubwiza n'icyubahiro, bigatuma Abisirayeli badashobora kwihanganira gutumbīra mu maso ha Mose, ku bwo kurabagirana ko mu maso he (kandi kwari uk'umwanya muto gusa kugashira), nkanswe imitegekere y'Umwuka! Ntizarushaho kugira ubwiza n'icyubahiro?*

*Niba imitegekere yateraga gucirwa ho iteka yarahawe ubwiza, nkanswe imitegekere itera gukiranuka!*

*Kuko ubwiza bwa ya yindi ya mbere butagisa nk'aho ari ubwiza, kuko bwamazweho n'ubwiza buhebuje bw'iyaje hanyuma.*

*Nuko rero, niba ubwiza bw'imitegekere ya mbere bwarahindutse ubusa ku bw'ubwiza bw'iya kabiri, noneho igumaho ni yo izarushaho cyane kugira ubwiza.*

*Nuko ubwo dufite ibyo byiringiro, tuvuga dushize amanga cyane.*

*Ntitumeze nka Mose watwikiriraga mu maso he, kugira ngo Abisirayeli batareba iherezo rya bwa bwiza uko bwamushiragaho.*

*Ariko imitima yabo yarahumye ndetse kugeza na bugingo n'ubu, iyo Isezerano rya Kera risomwa cya gitwikirizo kiba kigitwikiriye imitima yabo, ntibamenye ko cyakuweho na Kristo.*

*Ahubwo kugeza na n'ubu, ibya Mose iyo bisomwa iyo nyegamo ihora ku mitima yabo, nyamara iyo umuntu ahindukiriye Umwami iyo nyegamo ikurwaho.*

*...Nuko rero Umwami ni we Mwuka, kandi aho Umwuka w'Umwami ari ni ho haba umudendezo.*

*Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.*

9 Kandi mu Bafilipi 2, turasoma ibi (gutangirira ku gice cya mbere turasoma umurongo wa 8):

*Nuko niba hariho gukomezwa kuri muri Kristo, kandi niba hariho guhumurizwa kuzanwa n'urukundo, ...niba hariho no gusangira Umwuka, niba hariho imbabazi n'impuhwe, musohoreshe umunezero wanjye guhuriza imitima mu rukundo, mwibwira kumwe muhuje imitima.*

*Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi. Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu.*

*Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.*

10 Reka dusenge. Data wo mu ijuru, iri Jambo rikomeye iryo dusomye uyu mugoroba rivuye mu Byanditswe Byera, urigire ukuri mu mitima yacu, kugira ngo tuze kuva hano tumeze nka babandi bari bagiye Emmawusi, tuvuga tuti, "Ese imitima yacu ntiyarimo igurumana muri twe ubwo Yavuganaga natwe mu nzira," kubera ko tubisabye mu izina rya Yesu. Amena. (Mushobora kwicara.)

11 Noneho, uyu ni umurongo udasanzwe, ariko ndibwira ko ari wo ukenewe muri aka kanya. Ndashaka kuvuga ku mutwe w'ikibwiriza uvuga uti, "Imana Ikomeye Itwikuruwe Imbere Yacu."

Noneho, guhera igihe habayeho umuntu, hagiye habaho inzara mu mutima w'umuntu yo kumenya aho yaturutse, ndetse n'impamvu ye yo kuba hano, n'aho agiye. Hari umwe gusa ushobora gusubiza ibyo; uwo ni uwamuzanye hano. Kandi umuntu igihe cyose yagiye yifuza kubona Imana.

12 Kera mu Isezerano rya Kera tubona ko Imana yitwikiriye Ubwayo ikihisha abatizera. Imana yari uburyo budasanzwe bwo gukorana n'abantu. Yarihishaga Ubwayo Ikihisha abatizera maze Ikihishura Ubwayo ku bizera. Imana ikora ibyo. Yesu yashimiye Data kubera ko Yahishe ibi bintu abanyabwenge n'abahanga maze akihishura ku bana bato abo bashobora kubyiga. Uko niko tubona ko Imana itigeze ihinduka mu

miterere Yayo, kandi igihe cyose Iba Irimo gukora imirimo Yayo mu buryo bumwe. Tubona muri Malaki 3, ko Yavuze iti, "Ndi Imana, kandi ntabwo Mpinduka." Ni uko Ikorera mu mahame amwe mu bihe byose.

13 Noneho, dufashe kimwe mu bitabo bya kera bya Bibiliya. Igihe Yobu, umwe mu bakiranutsi bakomeye bo mu gihe cye, umuntu utunganye mu mategeko y'Imana… Umukozi wayo, umuntu ukomeye, umukozi wayo wo kubahwa… Kugeza nubwo Imana yavuze iti, "Nta muntu uriho umeze nka we ku isi." Ariko ibyifuzo bye igihe kimwe... Kwari ukubona Imana. Yari aziko hariho Imana, kandi yumvaga ko yifuza kuyibona, cyangwa muyandi magambo, kujya ku nzu Yayo maze agakomanga ku rugi, maze akavuga ati, "ndashaka kuvugana na We," akicara, akavugana na Yo, nkuko twabikora hagati yacu. Dufite kumvikana. Niyo mpamvu twicaye muri iki giterane, aho tujya hamwe tukagaragaza ibitekerezo byacu; kandi tukumvikana neza hagati yacu umwe ku wundi mu gihe tubwirana ibintu. Kandi ababwiriza bagakora ibyo. Abantu bo mu nzego zose z'ubuzima barabikora, bakaganira ibintu.

14 Kandi Yobu.. Imana yari ukuri kweruye kuri we, yashakaga kureba niba atashobora kugenda maze agakomanga ku rugi rwayo ndetse akagirana ikiganiro na Yo. Ariko tubona ko Iyo Mana yavuganye nawe, ariko Yari itwikiriwe. Yari yitwikiriye mu muyaga wa serwakira. Maze Ibwira Yobu ngo akenyere akomeze; Yari agiye kuvugana na Yo nk'Umuntu. Kandi Imanuka mu muyaga wa serwakira maze ivugana na Yobu. Kandi Yimenyesha Yobu binyuze muri serwakira, nyamara nabwo ntabwo yayibonye neza neza. Yashoboraga kumva umuyaga uhuha kandi urimo uzenguruka aho mu biti; maze ijwi rigasohoka aho muri serwakira, ariko Imana yari yihishe muri serwakira.

15 Tubona ko hepfo aho muri Afurika (Muri Afurika Yepfo) bakoresha ijambo Amoyah, aribyo bisobanuye, "Imbaraga zitagaragara." Kandi izo mbaraga zitagaragara muri serwakira zifite ijwi ryumvikana. Iryo ryavuganye na Yobu, nyamara ntabwo yigeze abona ishusho ya Zo; ariko Yari ikingirijwe na serwakira. Tubona ko umwe mu bahanuzi ba Bibiliya ukomeye, Mose, w'Isezerano rya Kera, umwe mu bo Imana yahisemo, Ikamutoranya, mu bakozi bamenywe mbere, nawe yifuje kuyibona. Kugira ngo abe hafi ya Yo maze abone bintu byinshi bikomeye, icyo kiganza kidasanzwe kinyura imbere ye maze kigakora ibintu Imana yonyine ari Yo Yashobora kubikora. Yashakaga kuyibona umunsi umwe, maze Imana iramubwira iti, "Genda uhagarare ku rutare."

Kandi mu gihe yari ahagaze ku rutare, Mose yarayibonye itambuka. Abona umugongo Wayo. Kandi aravuga ati yasaga n'umuntu… nk'umugongo w'umuntu. Nyamara nabwo ntabwo yabonye Imana; Yabonye gusa igitwikirizo cy'Imana.

16 Bibiliya iravuga iti, "Nta muntu wabonye Imana igihe icyo aricyo cyose, ariko Umwana wenyine wa Data Yarayihamije." Noneho Mose yayibonye itwikiriye nk'umuntu.

Kandi tubona ko Yehova w'Isezerano rya Kera Yari we Yesu w'Isezerano Rishya. Kandi Dr. Scofield hano, tubona ijambo rye "guhindura ishusho", tubona ijambo en morphe mu Kigiriki, ari byo bisobanuye "ko ibitagaragara byahindutse ibigaragara." Ikintu kidashoboka... Tuziko Iri hano. Ntabwo Ishobora kugaragara, ariko nyamara, tuziko iri hano. Kandi igihe ihinduye ishusho yayo muri en morphe, aribyo bishatse kuvuga ko yavuye mu ishusho y'indengakamere ikaza mu ishusho isanzwe... Noneho Iba yahinduye isura Yayo.

Mu yandi magambo, bimeze nk'igice cy'inkinamico; Yarimo ikina. Mu kigereki igihe bagombaga guhindura isura, wenda umwe yagombaga gukina… umukinnyi umwe akaba agomba gukina mu bice bitandukanye. Kandi umukobwa wanjye uri hano uyu mwanya… bari bafite aho ku mashuri yisumbuye, inkinamico. Aho umuhungu umwe, uwo nzi, yakinaga hafi ibice bine, ariko yajyaga inyuma y'aho abantu bareba maze agahindura isura mu rwego rwo kugira ngo aze kuza yigane indi mico.

17 Noneho, Niba mushobora gufata ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera ku birebana na Mesiya icyo yagombaga kuba, mushobora kubigereranya n'ubuzima bwa Yesu, kandi mwabona neza neza Uwo Yesu yari we. Ntabwo Yari umuntu usanzwe; Yari Imana, en morphe. Yihinduye Iva mu ishusho y'indengakamere Ijya mu ishusho ya kamere y'umuntu; nyamara Yari Imana igaragaye mu mubiri, itwikiriwe n'umuntu, igitwikirizo ari umubiri. Kandi mwitegereze Isezerano rya Kera.

Nziko ndimo kuvugana n'iteraniro ry'abantu bavanze bavuye mu bice bitandukanye by'isi. Kandi turi hano kugira ngo tumenye ngo n'ibiki turimo gukora? Mbega nihe tuzagarukira? N'iki kizaba? Ese ibi byose bisobanuye iki?

18 Kandi noneho, tubona ko hano niba mwe Bayahudi b'abagabo n'abagore… Ndetse n'aba rabbi mu rusengero, mu minsi yahise, iyo bajya kureba Bibiliya, ubuhanuzi, aho kuba imihango, bajyaga kumenya uwo Yesu yari we. Ntabwo bajyaga kumwita Beelzebub; nta nubwo bajyaga kumubamba. Ariko ibi byose byagombaga gukinwa; iki ni gice cy'ikinamico. Kandi hano bari bahumwe kuri iki gice.

19 Bimeze kimwe na benshi muri mwe bagabo n'abagore muri hano uyu mugoroba, ahari bamwe ku myaka yanjye cyangwa bato ho gato. Mwibuka hano muri Amerika mu myaka yashize mbere… Abashinwa (mwene data ni mugihe barimo banyakira mvugana na we nibwo ibi byaje mu bitekerezo byanjye), uburyo

bahoze bameze... Ntabwo bashoboraga kuvuga icyongereza, kandi bari bafite aho bamesera imyenda. Kandi ukajya aho bamesera kugira ngo ufate imyenda yawe. Umushinwa yafataga agapapuro maze akagacamo mu buryo runaka. Maze ugatwara igice kimwe cya gapapuro; nawe agatwara ikindi. Ariko igihe uzagaruka kubaza ibyawe, utwo duce tubiri twagombaga guhuzwa tugahwana. Kandi iyo twabaga tudahwanye neza neza (Ntabwo washoboraga kubyigana mu buryo ubwo aribwo bwose, kubera ko yabaga afite igice kimwe nawe ufite ikindi), kandi iyo washoboraga kucyigana... Noneho wabaga ufite uburenganzira bwo kubaza ibyawe. Maze noneho, ugahabwa ibyawe igihe wabaga ufite igice cy'ayo masezerano.

Uko niko bimeze iyo dufite igice cy'ayo masezerano. Igihe Imana yaciyemo kabiri Umwana Wayo i Karuvari, maze igatwara umubiri kubw'igitambo, maze ikohereza Umwuka hasi kuri twe, uwo wahoze uba mu muntu, Yesu (Iyo Mana imwe yari mu gitwikiriza uyu mugoroba mu ishusho y'Umwuka Wera), ibyo bice bibiri byagomba guhuzwa; noneho ukaba uri igice cy'amasezerano. Imana yakoze ibi kugira ngo Ibashe kwimenyesha umuntu neza, igihe Yigize Ubwayo umuntu.

20 Narimo nsoma inkuru mu myaka ishize, kandi muri iyi nkuru bavugamo umwami w'umunyacyubahiro ukomeye… Nibagiwe izina rye ubu. Narimo ntekereza kuvuga kuri iyi nkuru. Ahari bishobora kuba ari igitekerezo, ariko biratujyana ku bintu bishobora kudufasha gusasira ibyo dushaka kuvugaho.

Uyu mwami, yari mwami w'umunyacyubahiro kandi yukundakaga cyane abantu be, ariko umunsi umwe imbere y'abarinzi be n'inkoramutima ze aravuga ati, "Uyu munsi mumbonye bwanyuma mu gihe cy'imyaka myinshi."

Maze abarinzi be n'abanyacyubahiro baramubwira bati, "Mwami mwiza, kubera iki uvuze ibyo? Ese waba ugiye kujya mu gihugu cy'amahanga ahantu runaka ngo ube umunyamahanga?"

Aravuga ati, "Oya, nzaguma hano. Nibyo," ati, "Ngiye kwivanga n'abanjye. Ngiye guhinduka umuturage. Ngiye kujya nasa ibiti n'ishoka. Ngiye kujya mpinga ubutaka n'isuka. Ngiye kujya nicira imizabibu hamwe n'abo bakorera imizabibu. Ngiye kuba hamwe na bariya mu rwego rwo kugira ngo ndusheho kumenya ibyo bakora. Kandi ndabakunda, kandi ndashaka kurushaho kumenyana nabo ku giti cyanjye. Ntabwo bazamenya, ariko nyamara, ndashaka kumenyana nabo muri ubwo buryo. "

21 Kandi mu gitondo gikurikiyeho igihe intumwa ze… Abantu be bose bamubonye… cyangwa abo bari mu ngoro ye… Akuramo ikamba maze arishyira iruhande aho ku ntebe, ku ntebe y'ubwami, nuko akuramo ikanzu, maze yambara imyenda y'abaturage, maze aragenda ajya mu bantu basanzwe.

Noneho, muri iyo nkuru tubonamo ibijyanye n'Imana. Babwira umwami bati, "Mwami, turagushaka. Turagukunda. Turashaka ko ukomeza kuba umwami."

Ariko yashakaga guhinduka umwe muri bo kugira ngo arusheho kubamenya neza, kandi ngo bamumenye neza, nyakuri icyo yari cyo. Byagombaga kubereka nyakuri icyo yari cyo.

22 Kandi icyo nicyo Imana yakoze. Yarihinduye iva mu kuba Yehova Imana ihinduka umwe muri twe, kugira ngo Ibashe Kubabara, Ibashe Gusogongera urupfu, kugira ngo Ibashe Kumenya icyo urubori rw'urupfu ari cyo, maze ihabwe igihano cy'urupfu. Yashyize iruhande ikamba ryayo n'ikanzu maze ihinduka imwe muri twe. Yoza ibirenge by'insuzugurwa. Yabaye mu mahema hamwe n'abakene. Yaraye mu ishyamba no mu mihanda hamwe n'abo badafite amahirwe yo kubaho. Ahinduka umwe muri twe kugira ngo abashe kudusobanukirwa neza, kandi kugira ngo tubashe kumusobanukirwa neza.

23 Noneho, ntekereza ko muri ibyo, tubona ko yihinduye Ubwe, nicyo yakoze, niba mushobora kubibona, Yaje mu izina ry'abana uburyo butatu. Yaje mu izina ry'Umwana w'umuntu, n'Umwana w'Imana, no mu Mwana wa Dawidi. Yaje nk'Umwana w'umuntu.

Noneho, muri Ezekiel 2:3, Yehova Ubwe, Yise Ezekieli umuhanuzi, umwana w'umuntu.

Umwana w'umuntu bisobanuye "umuhanuzi." Yagomba kuza muri ubwo buryo kugira ngo Asohoze Gutegekwa kwa kabiri 18:15, icyo Mose yavuze ati, "Umwami Imana yanyu izahagurutsa umuhanuzi umeza nka njye." Ntabwo yigeze Yiyita Ubwe Umwana w'Imana. Yishingikirije kuri We Ubwe, Umwana w'umuntu, kubera ko yagombaga kuza bikurikije Ibyanditswe

Murabona, Yagombaga guhuza utwo duce tubiri tw'urupapuro rwaciwe, ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera n'imico Ye, bikaba bimeze neza neza kimwe. Noneho Aza nk'Umwana w'umuntu, uje muri iyo shusho.

24 Hanyuma tubona, nyuma y'urupfu rwe, guhambwa, no kuzuka. Yaje ku munsi wa Pantekote nk'umwana w'Imana… Imana, Umwuka, mu ishusho, Umwuka Wera. Ni iki Yarimo Akora? Yarimo Yihindura Ubwe, Arimo Yimenyekanisha ku bantu Be mu ishusho itandukanye. Kimwe n'Umwuka Wera, ari wo Mana, Yaje gukora mu bisekuru by'itorero nk'Umwana w'Imana, Umwuka Wera. Ariko muri mileniyumu Azaza nk'Umwana wa Dawidi kugira ngo yicare ku ntebe y'ubwami ya Dawidi... Umwami. Yagombaga gufata

intebe y'ubwami ya Dawidi; Yari ku ntebe ya Se ubu. Kandi noneho, Yaravuze ati, "Unesha azicarana nanjye ku ntebe yanjye, nkuko nanesheje maze nkicarana na Data ku ntebe ye." Nuko We... muri mileniyumu Azaba Umwana wa Dawidi. Ibyo ni ibiki? Iyo Mana imwe ibihe byose irimo ihindura ishusho.

Ku mugore wanjye ndi umugabo.

25 Ese mwabashije kubona uriya mugore w'umusirofeniyike avuga ati, "Wowe Mwana wa David, ngirira imbabazi!" Nta nubwo Yiriwe yigora na gato. Nta burenganzira yari afite bwo kumwita gutyo; ntabwo yari yemerewe kugira icyo amubaza nk'Umwana wa Dawidi. Yari Umwana wa Dawidi ku Bayahudi. Kandi noneho, Aragaruka... ariko igihe yamwise Umwami, Yari Umwami we, hanyuma abona icyo yasabye. Noneho, Yarimo yihindura Ubwe.

26 Noneho, mu rugo rwanjye ndimo abantu batatu. Mu rugo rwanjye amfiteho uburenganzira nk'umugabo we. Umukobwa wanjye amfiteho uburenganzira aho, ntabwo amfiteho uburenganzira nk'umugabo we; ahubwo nka se. Kandi hariyo umwuzukuru wanjye aho, ndi sekuru kuri we; noneho nta burenganzira afite bwo kunyita se. Ntabwo ndi se; ahubwo umuhungu wanjye niwe se. Njye ndi sekuru, ariko ndi umuntu umwe.

Kandi Imana, ni iki yakoze, Yarihinduye Ubwayo Iza kuri icyo gisekuru, kugira ngo yimenyekanishe kuri abo bantu. Kandi icyo nicyo gituma turi hano kugira ngo tumenye uyu mugoroba; mu buryo ki Imana yari ikwiyekwimenyekanisha Ubwayo ku bantu bayo no muri iki gihe? Yahinduye ishusho yayo; Yahinduye ibikorwa byayo, ariko ntabwo ijya ihindura igihagararo cyayo. Ntabwo ihindura kamere yayo; Ihindura gusa ishusho Yayo iva kuri imwe ijya ku yindi. Yihishura byeruye Ubwayo ku bantu, kugira bashobore kumenya Uwo Iri We n'Icyo iri Cyo.

27 Mu Baheburayo 1 dusoma ko: "Imana, mu bihe byinshi bitandukanye no mu buryo butandukanye yavuganye na ba data binyuze mu bahanuzi, ariko muri iyi minsi yanyuma, binyuze mu Mwana wa Yo, Yesu." Noneho, abahanuzi, Yesu yaravuze ati, igihe yari hano ku isi, bari imana. "Mwita imana abo Ijambo ry'Imana ryaziye, kandi Ibyanditswe ntibishobora guhinduka," Aravuga ati, "Ni gute noneho mwamucira urubanza, igihe Ari Umwana w'Imana?" Murabona?

28 Ijambo ry'Imana ryahawe abo muri buri gisekuru… Ni iki rikwiriye kuba; kandi Yesu yari kuzura k'ubuhanuzi bwose. "Muri We hatuyemo kuzura k'Ubumana bwose mu mubiri." Yari We.

Yari Uwo wahoze muri Yozefu. Yari Uwo wari muri Eliya. Yari Uwo wari muri Mose. Yari Uwo wari muri Dawidi, umwami wanzwe. Abantu be baramwanze nk'umwami. Kandi nkuko yari agiye hanze y'urugo, akagabo gato k'agatindi, karimo gacumbagira aho, ntabwo yashakaga ubutegetsi bwe, imikorere ye; maze amuciraho. Maze umurinzi akura inkota ye, aravuga ati, "Ese ndibureke uriya mutwe w'iriya mbwa uyigumeho, irimo gucira ku mwami wanjye?"

Kandi Dawidi, ahari ntabwo yarimo abona ibyo arimo gukora icyo gihe, ariko yari asizwe, maze aravuga ati, "Mwihorere. Imana yamubwiye kubikora." Maze azamuka umusozi kandi arimo arira Yerusalemu, umwami wanzwe.

Ese mwabonye ko, imyaka magana nyuma y'ubwo, Umwana wa Dawidi, Yarimo acirwaho mu mihanda, kandi yari aho ku musozi… uwo musozi umwe arimo areba aho hepfo Yerusalemu, Umwami wanzwe, maze arataka ati, "Yerusalemu, ni kangahe nashatse kukubundikira nkuko inkoko ibundikira imishwi yayo, ariko ntiwabyemera?"

29 Ntabwo yahinduye imiterere yayo, kubera ko Abaheburayo 13:8 haravuga hati, "Ari uko yari ejo hashize, uyu munsi , n'iteka." Imana yambaye umubiri mu rwego rwo kugira ngo iducungure ku cyaha. Niyo mpamvu yihinduye Ubwayo kuba umuntu.

Tubona muri Yohana 12:20, Abagereki bari baramwumvise. Noneho, nta muntu ushobora kumwumva, ngo umutima we ureke kugurumana muri we ashaka kumureba. Kimwe na Yobu n'abahanuzi ba kera, bose bashakaga kumureba. Nuko uyu Mugereki yaje kumureba. Baje kuri Filipo, wari aho muri Betesida, maze baravuga bati, "Mugabo, turashaka kureba Yesu."

30 Abagiriki bashakaga kumureba; ariko ntibashoboraga kumureba, kubera ko Yari mu rusengero rw'ubumuntu. Imana yari muri Kristo yiyunga n'isi Ubwayo.

Noneho, tubona ibyo muri ibi, aba Bagereki ntabwo bashoboraga kumubona. Maze mwitegereze ayo magambo amwe ayo Yesu yababwiye nyuma y'aho; Yaravuze ati, "Akabuto k'ingano kataguye mu murima maze ngo gapfe, kaguma konyine." Muyandi magambo, ntabwo bashobora kumureba hatabaye impinduka, muri iyo shusho Yarimo ubwo, kubera ko yari atwikiriwe n'umubiri w'umuntu. Ariko iyo iyi mpeke yingano iguye mu butaka, noneho ishobora kwera amoko yose. Yari Yoherejwe ku bayahudi, birumvikana, icyo gihe, ariko iyi mpeke y'ingano igomba kugwa hasi. Yari Imana ihishwe mu mubiri w'umuntu, ihishwe abatizera, ariko ihishuriwe abizera.

31 Muri Yohana 1: Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari Imana.

Kandi Ijambo ryambaye umubiri, ritura hagati muri twe (Kandi turamubona… Umwana w'ikinege wa Se), Yuzuye ubuntu…

Noneho mu itangira hari Ijambo. Ijambo ryari igitekerezo kigaragajwe. Mbere na mbere nta nubwo Yari Imana. Ubu, amagambo yacu y'icyongereza uyu munsi, imana, bisobanuye "ikintu cyo kuramya." Mbega ukuntu bisobanye mu bitekerezo. Ushobora kugira umuntu runaka imana. Ariko mu Isezerano rya Kera, mu Itangiriro 1, mbere na mbere Imana... Ijambo rikoreshwa, Elohim. Elohim bisobanuye "Uwibeshaho We Ubwe." Mbega itandukaniro riri hagati y'ijambo Elohim n'ijambo ryacu imana. Elohim bisobanuye "Uwibeshaho We Ubwe."

Ntabwo twashobora kwibeshaho twebwe ubwacu. Ntabwo twashobora kuba abashobora byose, bafite imbaraga zose, baba ahantu hose, bazi byose. Uwo Elohim asobanuye ibyo byose. Ntabwo twashobora kuba ibyo. Igiti wakoramo imana, cyangwa inyubako, ntabwo ari icyibeshejeho.

32 Noneho Imana, mu itangiriro, yari Ubuzima, Ubuzima bw'iteka. Muri yo harimo ibiyigize, kandi ibyo biyigize bihinduka amagambo, kandi Ijambo rihinduka umubiri. Yesu yari umucunguzi. Kandi gucungura bisobanuye "Kugarura." Kandi niba agomba kubigarura, bigomba kuba biri ahantu kugira ngo bigarurwe. Noneho, murabibona, abantu bose ntabwo bashobora kubibona, kubera ko abantu bose ntabwo bahoze mbere mu bitekerezo by'Imana, murabona.

33 Reba ku batambyi! Igihe bamubonye Yiyerekana We Ubwe neza neza nk'Ijambo, icyo Ari Cyo, baravuze bati, "Ni Belizebubi." Ibyo byerekanye aho kamere yabo iri; byari mu bitekerezo byari bigezweho icyo gihe. Ariko igihe wa maraya muto, uwo Yahuye nawe ku irembo, maze akamubwira... Akamwereka ikimenyetso Cye cya Mesiya kubwo kumubwira ibyo yakoze, niyo mpamvu yavuze ati, "Mugabo, mbonye ko uri umuhanuzi. Tuziko Mesiya; igihe Azaza, Azatubwira ibi bintu byose." Yamumenye ko ari Mesiya, Umusigwa, kubera ko Yari ahuye n'Ibyanditswe. Ese ntimubibona? Ibyo bice bibiri by'impapuro bishyirwa hamwe. "Tuziko igihe Mesiya azaza..."

34 Noneho, Imana yagombaga Guhuza ibi na biriya kugira ngo igere ku ijwi runaka ry'inzogera, kimwe n'urusyo, ariko igihe Yesu yahndukiye maze akavuga ati, "Ninjye Uri kuvugana na we," aho nta mvugo nka "Belizebubi." Asiga ikibindi cye, yirukira mu mugi, maze aravuga ati, "Muze, murebe umuntu, umbwiye ibyo nakoze. Ese ntiyaba ari Mesiya?" Murabona?

Noneho, n'iki yakoze? Yahuje Ibyanditswe byakera n'Ibyo Yasu yarimo akora, N'iki byabyaye? Byabyaye Mesiya. None mwabibonye? Vuba vuba, ibyaha byari byababariwe, kubera ko kuva na mbere yari uwo gucungurwa; kubera ko yahoze mu bitekerezo by'Imana kuva na mbere. Bityo biramucungura, cyangwa aragarurwa, igihe yabonye Ibyanditswe byavuzwe bigaragajwe bya Yehova: ni Icyo Yahoze ari cyo; ni Cyo Yari cyo.

35 Noneho, igihe Yesu yaje, iyo Ajya Kuzana ubutumwa bwa Nowa, ntabwo byajyaga gukora; ngo mwubake inkuge maze ireremb e. Ntabwo byajyaga gukora. Ariko Nowa yari igice cy'Imana. Yakoraga mu buryo bubangamye, kubera ko yari abangamye. N'ubutumwa bwe bwari bubangamye, kubera ko ryari Ijambo ryarimo ryerekanwa.

Ntabwo Yajyaga kuza Azanye ubutumwa bwa Mose, kuko ntibwajyaga gukora. Mose yari Imana ho igice igaragajwe; yari Ijambo rigaragajwe ryakiriya gihe. Ariko Yesu ntabwo Yashobora kuza muri ryo. Bibiliya ntabwo yavuze ko Azaza muri ubwo buryo.

Ariko igihe Yaje agaragajwe neza neza nkuko Isezerano ryari ryavuze ko Azagaragazwa, noneho abo bose bashobora gucungurwa barizeye; kubera ko bari ibitekerezo by'Imana. Ibimugize kuva mbere na mbere byagizwe umubiri kandi ubasha gucungurwa, kandi ukagarurwa ku Mana. "Abamwakiriye bose, abo Yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana," kubera ko bari abo gucungurwa. Bari kuva na mbere mu Ijambo.

36 Iyo tubasha guhagarara akanya gato (Niba bishoboka) kandi mubitekerezeho nimugoroba, kubw'ubutumwa bw'igihe, ibitekerezo bigaragajwe bya Yehova… Mbere y'imfatiro z'isi, twabwiwe ko amazina yacu yashyizwe mu gitabo cy'Umwana w'intama cy'Ubugingo. Noneho dushobora kubona ibice bibiri, nkuko nabanje kubivuga, kubera iki umwe ari intamenyekana ku wundi. Bigomba kuba muri ubwo buryo. Byari gutyo igihe cyose; byagiye biba gutyo ibihe byose; kandi bizaba gutyo ibihe byose. Yari Ijambo, kandi Ijambo ryambaye umubiri maze ritura hagati muri twe.

37 Noneho, Imana mu minsi ya kera mu Isezerano Rya Kera tubona ko nyuma y'uko Yiyeretse abantu Bayo mu mashusho atandukanye, Yaritwikiriye Ubwayo inyuma y'uruhu rwa tahashi… Imana, Yihishe inyuma y'uruhu rwa tahashi aho ku ntebe y'imbabazi. Tubona ibyo uburyo Salomo, igihe yeguriye Imana urusengero, kandi izi mpu za tahashi zari zimanitse aho, igitwikirizo... Ukuntu yaje mu nkingi y'umuriro n'igicu, kandi Imanuka Iri inyuma aho, kandi Yari Itwikiriwe ku isi yo hanze. Ariko binyuze mu kwizera

Isiraheri yamenye ko Yari inyuma aho. Bamenye ko Yari Iri aho, tutitaye ku cyo umunyabyaha we yari afite kuvuga. Yari ahishwe abatizera, ariko abizera, binyuze mu kwizera, bamenye ko Yari inyuma aho; bagirirwa ubuntu. Kandi Yari ku ntebe Yayo y'imbabazi, ariryo ryari ibanga rikomeye.

38 Murazi, mu Isezerano rya Kera kwinjira inyuma y'urwo ruhu byari urupfu. Ubu, kuguma inyuma yarwo ni urupfu. Noneho kwinjira mu bwiza Bwayo byari urupfu; noneho kuguma hanze y'ubwiza Bwayo ni urupfu. Ibyo byarabaye, birumvikana, aho kuri icyo gitwikirizo cyashanyaguwe i Karuvari, igihe igitwikirizo cyari gishanyaguwe, icyo gitwikirizo cya kera. Ubu, kuba hanze yo Kugaragara Kwe ni urupfu. Mu gihe mbere kwinjira mu Kugaragara Kwe byari urupfu. Murabona? Byaraguranye, kandi ugomba gushaka muByanditswe kugira ngo ubone igihe turi kubamo icyo ari cyo.

39 Ubu, igihe igitwikirizo cyatanyaguwe kuri Karuvari, ku Ntebe y'Imbabazi iza ahagaragara neza, ariko ni iki cyabaye? Yari Amanitse kuri Karuvari, arimo ava Amaraso. Nkuko bafataga amaraso umwaka nyuma y'undi mu kweza urusengero no kuyaminja ku ntebe y'imbabazi, aho, Imana, hamwe no gukomera Kwayo, uko kugaragara k'umurabyo w'imbaraga, kwasatuyemo rwa ruhu rwa tahashi rwari igitwikirizo kuva hejuru kugera hasi, kandi Intebe y'Imbabazi ihita ijya ahabona. Uwo Mwana w'Intama w'Imana w'ukuri yari amanitse ahabona i Karuvari, kuri iyo Ntebe y'Imbabazi y'ukuri, igihe Imana yishyuye igiciro Ubwayo maze Ihinduka umwe muri twe, kandi Yigaragaza Ubwayo nk'umuntu kugira ngo Imenyerane natwe kandi tumenyerane na Yo.

40 Intebe y'Imbabazi yari iri ahabona ku bisiraheri bose kuri uwo munsi w'Impongano. Ariko agahinda, imihango y'insengero za ba se bari bafite muri yo minsi, binyuze mu mihango yabo, yari itwikiriye Intebe y'Imbabazi y'ukuri ku bantu. Iyo bajya kumenya Ibyanditswe, buri gace kari kuba nka rwa rupapuro rw'ikimenyetso cy'Abashinwa. Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwajyaga kuba bwarasohoye, kandi niko byagenze. Kandi iyo bajya kuba barigishijwe Ibyanditswe, bajyaga kuba barabonye Intebe y'Imbabazi.

41 Nkuko Mose yabivuze mo hano ko… Kugeza n'ubu igitwikirizo kiracyari ku maso yabo. Kiracyari ku mitima yabo; ntabwo babibona. Ariko Yari Imana,ababazwa kandi Ari impongano. Yari Intebe y'Imbabazi y'ukuri Ihagaze ahagarara byuzuye. Nkuko turirimba indirimbo:

Dore! Nguriya mu buryo bugaragara,

Ngaho aho Ari, Umunyambaraga unesha,

Guhera igihe yatanyaguriye icyo gitwikirizo mo kabiri.

Murabona, Yaje ku Ntebe y'Imbabazi, ihagaze aho igaragara neza imbere y'amateraniro. Ariko bo bigumira munsi y'igitekerezo rusange… Noneho, bagabo na bagore, ndetse n'intumwa z'iki giterane, ndashaka kuvuga ibi nta kwita ku muntu uwo ari we wese. Ariko mu buryo iki gihe kigaragara, no kureba igitumye turi aha uyu munsi, ndatinya ko imihango ya badata, amatorero ya ba data, yahishe ibi abantu benshi. Guhera igihe Umwuka Wera yaje muri iyi minsi yanyuma nkuko byahanuwe, kandi igitwikirizo cyarashwanyuwe, abantu benshi bagerageza gukomera ku migenzo yabo; kandi iyo niyo mpamvu badashobora kubona uyu munezero w'ikirenga, n'amahoro, n'ibintu itorero rifite uyu munsi. Nyamara biri mu ishusho igaragarira buri wese wizeye. Yahishe Ijambo, Ijambo ry'isezerano ry'uyu munsi.

42 Noneho, imihango yaremye igitwikirizo. Baravuga bati iminsi y'ibitangaza yarahise. Umuntu yavuganye nanjye, umuntu mwiza, umuntu ufite umuco wize wo muri Tucson, Arizona, aho mba. Nari mfite amateraniro kuri Ramada; kandi narimo nigisha igiterane cya bene Data b'Abacuruzi, aho Umwami Yesu yaje kandi Agakora ibintu bikomeye. Kandi uyu muntu w'Umukristo araza kuri njye maze aravuga, (umubwiriza w'itorero, umuntu mwiza), maze aravuga ati, “Mwene Data Branham, urimo kugerageza kwereka abantu igisekuru cy'intumwa,” ati,“mu gihe igisekuru cy'intumwa cyarangiye.”

Maze ndavuga nti, “Ndakwinginze, mwene Data, nyereka igihe igisekuru cy'intumwa cyarangiriye mu Byanditswe.” Ndavuga nti, “Igisekuru cy'intumwa cyatangiye ku munsi wa Pantekote, kandi Petero yavuze ku munsi wa Pantekote ati, 'Isezerano ni iryanyu, n'abana banyu, ndetse n'abo barikure bose, n'abo Umwami Imana izahamagara bose.' Ese ni gihe ki byarangiye? Niba Imana ikirimo guhamagara, noneho ubwo igisekuru cy'intumwa kiracyakora.”

43 Kandi nkuko, aho niho abantu bagerageza guhindura abantu benshi impumyi, bakoresheje imihango y'abakuru, nkuko byari bimeze mu kindi gihe. Maze bakananirwa kubona impamvu abantu baba bishimye cyane ndetse bafite ishyaka ryinshi. Kandi ibi biterane ni ibintu by'intamenyekana, ibintu bidasanzwe ku bantu bandi, ni ukubera ibyo bareba. Barenga imbibi; bakarenga ibyo bitwikirizo bakinjira Imbere y'Imana aho babona kugaragazwa kw'isezerano ry'iyi saha rigaragajwe imbere y'abantu. Bakabona icyo Imana yasezeranye.

44 Muri Yoweli 2:28 Yasezeranye ko muri iyi minsi yanyuma hazaba imvura yanyuma izasukwa ku bantu mu minsi yanyuma. Ndatekereza ijambo ry'Ikigiriki ni “kenos” bishatse kuvuga ngo “Yisutse yose Ubwayo hanze,” atari mu buryo dushobora kubivuga, nkuko wavuga ikintu cyari mu muntu maze akakikuramo

cyose, ahubwo Yisuka Ubwayo hanze. Ihindura iyo shusho ihindagurika. Iva kucyo Yahoze Iri Cyo Icyo Iri Cyo. Ntabwo Yigeze na rimwe Ihindura kamere Yayo.

Ariko ku munsi wa Pantekote Yarihinduye Ubwayo Iva ku Kuba Umwana w'Umuntu ijya kuba Umwana w'Imana. Iraza, atari hamwe n'abantu, Iza mu bantu (Murabona?), iyo Mana imwe Iza Gukora umurimo Wayo muri iki gisekuru gikomeye.

45 Yarahanuye muri Bibiliya ko hazabaho umunsi uzaba atari amanywa cyangwa ijoro, ariko mu gihe cya nimugoroba Umucyo uzaboneka. Noneho, izuba, iri rifatika, rirasira mu burasirazuba maze rikarengera mu burengerazuba. Aba ari izuba rimwe igihe cyose.

Noneho, igihe Umwana (S-o-n) yihishuye Ubwe mu kugaragazwa kw'Ijambo ry'isezerano kuri Isiraheri, abantu bo muburasirazuba… Twagize igihe cy'umwijima. Twagize umucyo uhagije mu bagorozi ndetse n'ibindi kugira ngo bikore amatorero n'amadini, ndetse no kuyajyamo; no kuza maze bagasoma abana; maze bagasezeranya abakuze; ndetse no gushyingura abapfuye, n'ibindi bindi; maze tukaba mu itorero. “Ariko mu gihe cya nimugoroba, hazaba umucyo,” Aravuga ati, “Mu gihe cya nimugoroba.” Kandi nta cyanditswe gishobora guhera. Kandi uwo Mwana umwe Uwo Wisutse Ubwe (kenos) ku munsi wa Pantekote, yasezeranye gukora ibyo bintu bimwe mu gihe cya nimugoroba. Murabona? Bikurikije isezerano.

Muhuze ibyo bice by'urupapuro rw'ikimenyetso. Murebe ikiba, kandi murebe icyo Yasezeranye, noneho murebe aho turi. Muhuze ibyo bintu hamwe. Mushobora gutwikurura Iyo Ikomeye kandi Ishobora Byose. Imihango yahumye abantu nanone kuri ibi bintu bikomeye ibyo byasezeranywe.

46 Mose, igihe yasohotse avuye ku musozi, uwo wariho umuriro… Mbega igishushanyo cyiza. Mose yamanutse muri Egiputa maze abwira itorero rya ba data ko Umwami Imana yamusuye mu Izina rya NDIHO. Iryo Zina ryari mu ndagihe, atari “Nahozeho, Nzabaho, ahubwo NDIHO, Uwo Umwe, Uwo Uri uko yari ejo hashize, none, n'iteka.” We ni indagihe. Ibyo bigereranywa n'Abaheburayo 13:8 “Yesu Kristo, uko Yari ejo hashize, niko Ari none, n'iteka.”

Aracyari rya Jambo ryahanuwe, kandi iteraniro ryagombaga guhwana n'Ijambo, imyitozo y'uwo munsi… “Abagorozi bari babifite.” Oh, ariko uyu n'undi munsi. Kubona umunsi turi kubamo.

47 Nkuko atashoboraga Kuza mu minsi yo Kuza Kwe hano ku isi ngo Aze nkuko Mose yaje cyangwa nkuko undi wese mu bahanuzi yaje; byari byarahanuwe. Kandi muri iyi minsi yanyuma byarahanuwe ko Azaza muri ubu buryo. Ntabwo Yaza mu ishusho y'ububyutse bwa Luteri; ntabwo yaza mu ishusho y'ububyutse bwa Wesley; ni isaha yo kugarura. Ni igihe cyo tugomba kugaruka ku kurasa kw'izuba k'umwimerere, Umwimerere.

Oh, mbega ukuntu dushobora kwerekana Ibyanditswe muri ibyo. Kandi mwe banyatewologiya (ni ikihe gice cy'isi muturukamo), muziko ibyo ari ukuri. Ni isezerano. Ibyo nibyo bihindura abantu intamenyekana. Ibyo nibyo bibahindura insuzugurwa nkuko mu bita; igitwikirizo cyaratwikuruwe kiva mu mihango, kandi barabibona. Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ni isezerano ry'Imana, kandi ntabwo twagenda tunyuranye nabyo, kubera ko Ibyanditswe ntabwo bishobora gupfa.

Yego, tubona ko Yasezeranye ko Azisuka Ubwe mu bantu Be, Kandi Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

48 Mose, nyuma y'uko yashoboraga kumanuka akajya muri Egiputa maze akatura ibi, noneho Data yahamirije ubutumwa bwe kubwo kuza ku Musozi Sinayi mu Nkingi y'Umuriro maze ikajya ku musozi mu muriro. Ese mwabonye uwo Yahaye isezerano, Yasohokanye Ijambo.

Yari afite amategeko, kandi kugira aya mategeko, yari afite...

Amategeko yari Ijambo; Ijambo nabwo Ryari ritaraza ku bantu. Niko Ijambo igihe cyose riza ku muhanuzi, kandi yari umuhanuzi w'iriya saha.

Nkuko Yesu yari Ijambo. Yohana yari umuhanuzi, kandi Yesu aza kuri we mu mazi, kubera ko Ijambo igihe cyose riza ku muhanuzi nta kuyoba. Murabona?

Ijambo riraza...

49 Niko Mose, Ijambo ryaje kuri we, amategeko, kandi yari ayafite.

Noneho, kuko mbere y'uko Ijambo ritangwa maze rikagaragazwa, Mose yagombaga gutwikira isura ye, kubera ko Ijambo ryari ritaragaragazwa mu buryo bwuzuye. Bari baziko hari ikintu cyabaye, ariko ntabwo bari bazi icyo ari icyo (guhinda no gukubita kw'inkuba), kugeza ubwo bavuze bati, “Reka Mose abe ari we uvuga aho kuba Imana.”

Maze Imana iravuga iti, “Rero, Nzakora ibyo. Guhera ubu gukomeza ntabwo nzongera kuboneka nka

gutya ukundi. Nzajya mbohereza umuhanuzi. Nzavugira mu muhanuzi Wanjye."

50 Noneho, niba Mose hamwe n'amategeko asanzwe (nkuko Pawulo mu II Bakorinto hano yabiduhishuriye) yaragombaga kwitwikira mu bisanzwe, kangahe ibyumwuka bifite ubwiza bizaba bitwikiriwe ku batizera mbere y'uko babigaragarizwa. Ni ibingana iki bashobora kubyita... Mose yari insuzugurwa. Ni kangahe bakwita ibyo, wowe wamaze kurenga igitwikirizo, ukinjira mu Nkingi y'Umuriro, maze ugasohokana imigisha? Kandi ubu ukaba utwikiriwe. Abantu ntibashobora kubibona. Ntabwo bashobora kubisobanukirwa. Iyo ibisanzwe bihawe ubwiza, none kangahe byaba ku by'indekamere. Niba ibisanzwe, bifite iherezo, byaragombaga guhabwa ubwiza, kangahe birenze cyane kuri ibi bitagira iherezo bizahabwa ubwiza.

51 Ariko nabwo biracyatwikiriwe. Biratwikiriwe atari ku mwizera, ahubwo ku mutizera. Ntashobora kubibona. Imana igihe cyose Iritwikira Ubwayo ku mutizera. Imihango irayihisha. Nkuko babikoze icyo gihe, barabikora n'uyu munsi. Icyo cyari igitwikirizo cy'umwuka icyo dufite ubu, aho igitwikirizo gisanzwe cyahoze. Bihamirijwe n'umuhanuzi hamwe n'Ijambo ryanditse, yari umuhanuzi, umwe wazanaga Ijambo ryanditse kugira ngo arigaragaze neza; bamenye ko Ijambo ryari aho, ariko ntibamenya icyo bisobanuye; kandi Mose yarabigaragaje byeruye. Aravuga ati, "Amategeko yavuze ibi, kandi iyi niyo mpamvu." Yarabigaragaje neza. Kandi mbere y'uko abigaragaza neza, byari bitwikiriwe. Kandi uko niko bimeze uyu munsi, biratwikiriwe ku bantu kugeza ubwo bihishuwe maze bikagaragazwa neza ku bantu, Imana ishobora byose, itwikiriwe mu mubiri w'umuntu, Ijambo.

52 Mwitegereze. Noneho, tubona ko byari bihishwe abatizera, ariko bihishuriwe abizera. Mwitegereze. Mose yagombaga kwinjira mu Nkingi y'Umuriro wenyine; nta wagombaga kujyana nawe. Ese ibyo bisobanuye iki kuri twe? Ko utagomba kuza muri ibi kubwo kwiyunga kw'itsinda ry'Abapantekote. Murabona? Ntabwo Yigeze Ibihishurira itsinda; Yabihishuriye umuntu ku giti cye. Kandi uko niko biri uyu munsi. Muravuga muti, "Mbarizwa mu itorero. Mbarizwa muri ibi." Ariko ibyo ntibyakora. Murabona? Kandi uwari kugerageza gukurikira Mose, kugira ngo amwigane byari urupfu. Kandi uko niko biri uyu munsi, ni urupfu rw'umwuka kugerageza kwigana. Icyo ni cyo...

53 Uyu mugoroba turimo kugera ahantu harimo guhaguruka hagati mu matsinda, kugereranya ibintu mu buryo bw'umubiri, umuntu akagerageza gukora nka byo maze akabaho ubuzima buhabanye; ashobora kunywa inzoga, ashobora kunywa itabi, abagore bashobora kubaho ubuzima bwose bashatse, ndetse bagasa n'isi, maze bakigumira imuhira maze bakareba televiziyo, ndetse n'ibintu by'isi, kandi bagakomeza kwiyita Abapantekote. Barimo kugerageza kwigana ikintu cyumwimerere. Ntabwo bari bakabihishurirwa nabwo. Igihe Bihishuwe, biba ari byiza kandi ikintu kikagerageza kubikura muri wowe igihe ubigendeyemo. Ugahinduka igitwikirizo. Bikaba bidashobora gukora. Kandi kubyigana bikaba urupfu.

54 Mose yari atwikiriye, yari Ijambo rizima ku bantu. Kandi uyu munsi, abantu batwikiriwe bagaragaza icyo kintu kimwe; ni inzandiko zanditse zisomwa n'abantu bose, ntabwo ari urwandiko rushya, ahubwo ni urwandiko rwari rwaranditswe rugaragajwe. Ni abo bizeye Ijambo ndetse n'isezerano ry'umunsi ry'uko Imana izasuka Umwuka Wayo ku bantu bose; noneho urwo ni urwandiko rwanditswe. Kandi igihe umuntu agerageje kwigana mu buryo bw'umubiri ibyo, biramugaruka. Ubuzima bwawe bwerekana icyo uricyo.

55 Igihe kimwe hari umuhungu; yari ageze mu bibazo. Yari umuhungu mwiza, ariko ajya ku rukiko; maze umucamanza aravuga ati, "Nsanze uhamwa n'icyaha. Ndagomba kugukatira burundu."

Aravuga ati, "Ndashaka kujurira urubanza rwanjye." Aravuga ati, "Ndashaka gusubiramo imibereho yanjye yahise."

Aravuga ati, "Nta hahise ufite. Imibereho yawe yahise niyo iguciriye urubanza."

Kandi uko niko biri uyu munsi. Impamvu itorero ridatera imbere nkuko ryakwiriye kuba, ni ahahise haryo; ni ikinyoma. Dukwiriye kongera kwiyegurira Imana. Tugomba kwizera buri Jambo ryose ry'Imana. Tugomba gushakashaka iryo Jambo kugeza rihindutse ukuri kuri twe. Murabona? Ahahise nicyo kitubujije kwinjiramo imbere.

56 Ariko igihe kimwe (kugira ngo mbashe kurangiza iyi nkuru) muri uru rukiko rumwe, umuhungu nta mafaranga yari afite. Ntabwo yashoboraga kwishyura ibyo abazwa. Ibihano byari mu bihumbi by'amadorari. Ariko yari afite mukuru we waje maze arayishyura ku bwe.

Noneho, dufite Mukuru wacu, Yesu, Umwana w'Imana; kandi Yaje kugira ngo yishyure ibyo tubazwa, niba dushobora kubyizera maze tugashobora kwinjira mu gitwikirizo hamwe na We. Nkuko ari We Mose wacu… Yesu yari Mose wacu w'uyu munsi; Mose atwikiriwe yari Ijambo rizima ku bantu. Uyu munsi, Yesu atwikiriwe ni Ijambo rizima ku bantu ibyo... Yesu mu Itorero, Umwuka Wera, Umwana w'Imana, ku bantu, uhishura Ijambo binyuze mu isezerano ry'uyu munsi, arabihuza neza neza. Bimwe uyu munsi.

Kandi mwibuke, Mose yakoze ibi kandi agaragaza ibi, atari ku isi yose, ahubwo ku bantu basohokaga; urwego rw'abantu runaka, abo bari babandi bemeye gusohoka…. Mu kuva. Kandi uyu munsi Umwuka Wera, mu maso y'abantu bavuga bati, "Gukira indwara kwa Kimana ntabwo ari ukuri"... Igihe

mbigenzuye....

57 Umuganga yarampamagaye ubushize kubera umugore muto… Oh, aho hari abarwayi bageze kuri bane cyangwa batanu bari hafi gupfa, batari basigaranye amasaha yo kubaho, kandi Umwuka Wera arabakiza. Muganga yarimo abyibazaho; aravuga ati, "Ibi bishoboka bite?" ati "Aba ni abarwayi banjye."

Ndavuga nti, "Baribo, ariko ubu ni ab'Imana. Bo ni abantu bayo ubu." Murabona?

Kandi uko, murabona niko ibintu biri, iyo Mana irimo guhamagara gusohoka ngo baze bave inyuma y'igitwikirizo cy'umubiri kuri abo bagerageza kwigana, bagerageza kwiyunga kw'itorero, atari Abametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani bose hamwe, uretse amatorero y'Abapantekote. Ni ikibazo cy'umuntu ku giti cye; ni wowe n'Imana. Ugomba kwinjira, atari itsinda ryawe, atari itorero ryawe, atari pasteri wawe, ahubwo ni wowe ugomba kwinjira.

58 Ndashaka ko mubona indi miterere ya Mose. Igihe yasohotse, nubwo yari umuhanuzi, akaba yari umuntu ukomeye nkuko yari ari, igihe yasohokanye Ijambo, abantu babonye ko yahindutse. Ikintu cyamubayeho. Igihe yasohokanye Ijambo rihamirijwe ry'iyo saha, amategeko, yari umuntu uhindutse. Kandi uko niko muzaba igihe muzasohoka inyuma y'icyo gitwikirizo cy'umuntu ushobora guseka amateraniro nk'ayangaya, wa muntu ushobora kugwishwa no gukira indwara kwa Kimana, maze akavuga ati, "Iminsi y'ibitangaza yarahise" Ukava inyuma y'icyo gitwikirizo cy'umuntu aho, igitwikirizo cy'imihango, na buri muntu akamenya ko hari ikintu cyakubayeho.

59 Kimwe na Mwene Data wo kubahwa Jim Brown, ndatekereza ko abenshi mu ba Presbyteriani bazi icyamubayeho, kubera ko yavuye inyuma y'igitwikirizo cy'imihango. Yabonye ikintu mu bantu cyamukuruye, maze arasohoka ava inyuma y'igitwikirizo. Igihe uvuye inyuma y'igitwikirizo, uzaba uri ahantu hagaragarira abantu mu buryo bwuzuye, kugira babone ko hari ikintu cyakubayeho. Igitwikirizo cy'Ijambo ku batizera, ariko kiri mu buryo bugaragara byeruye ku mwizera; Yesu Kristo, Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka

60 Noneho yari Imana… Muri iyo minsi yari Imana mu muntu, Umwana Wayo, Yesu Kristo. Twizera ibyo. Atari umuhanuzi, atari umuntu usanzwe, ikiremwamuntu gisanzwe; Yari Imana muri Kristo, Imana, mu muntu, Kuzura k'Ubumana mu mubiri w'umuntu. Imana, mu muntu; noneho, ni Imana mu bantu (Murabona?), Kuzura kw'Imana mu Bumana mu mubiri mu Itorero Rye ryose, Arimo Yigaragaza We Ubwe, Yuzuza Ijambo Rye.

61 Noneho, tubona ko, Imana mu bisekuru byose yari ifite uruhu kuri Yo. Imana yagiye iba ihishe inyuma y'igitwikirizo. Binyibutsa inkuru nto yabaye hepfo hariya mu majyepfo. Kandi uko, hari urugo rw'Abakristo. Kandi uru rwari urugo rw'Abakristo bizeraga Imana, kandi batekerezaga ko Imana izabarinda ibibazo byose; kandi nibyo Ikora. Kandi bari bafite umwana muto (umuhungu muto ufite nk'imyaka irindwi cyangwa umunani), maze ajya mu ishuri ryo Kucyumweru kandi yari umuhungu mwiza; ariko yagiraga ubwoba iyo ikirere cyahindukaga, cyane cyane iyo imirabyo yatangiraga kurabya.

62 Igihe ibi nabibwiye umugabo undi munsi, ubwo bari basohoye iyo nkuru y'umuntu wakize indwara, uyu mubwiriza arambwira ati,"Baguhinduyemo imana Mwene Data Branham."

Rero, yarimo anegura, nuko ndatekereza byaba byiza mbihagaritseho gato, atari kumukomeretsa, ahubwo gusa nku… Ndavuga nti, "Ese ibyo bihabanye n'ibyanditswe kuba bimeze gutyo?" Murabona? Ndavuga nti, "Oya, ntawo bihabanye." Ndavuga nti, "Kubera ko Yesu yise abahanuzi imana." Murabona? Uko ni ukuri. Imana...

Maze aravuga ati, "Rero, mwe bantu mugerageza gufata umwanya w'Imana."

Ibyo ntabwo bihabanye; icyo nicyo biricyo nyakuri (Ibyo nibyo neza neza.) Imana igaragajwe mu mubiri, nkuko yasezeranye.

63 Uyu muryango muto, tubona ibyo… Namubwiye iyi nkuru nto (kandi niyo yari inje mu bitekerezo ako kanya), uwo mugoroba haza guhinduka kw'ikirere, maze umubyeyi abwira Junior, ati, "Noneho, uzamuke ingazi, muhungu, maze ujye kuryama."

Aravuga ati, "Mama, mfite ubwoba." Aramubwira ati

"Nta kintu kiribugire icyo kigutwara. Zamuka maze ujye kuryama."

Uwo Junior muto aryamye aho, maze imirabyo irarabya aho hose ku madirishya, maze uwo muntu muto agira ikibazo, maze atsindagira umutwe we mu biringiti, nabwo akomeze kumva imirabyo cyangwa akabona imirabyo irabya aho ku idirishya, akumva inkuba zikubita; nuko aravuga ati, "Mama."

Maze Aramubwira ati, "Ese urashaka iki, Junior?"

Aravuga ati, "Ngwino hano urarane nanjye."

Nuko azamuka aho nk'uko undi mubyeyi mwiza yabigira; maze arazamuka, nuko afata uwo Junior muto mu maboko, maze aramubwira ati, "Junior, mama arashaka kuganira nawe akanya gato."

Aravuga ati, "Nta kibazo, mama."

Aravuga ati, "Noneho, ukwiriye gufata ibi mu mutwe. Tujya igihe cyose ku rusengero; dusoma Bibiliya; turasenga; turi umuryango w'Abakristo; twizera Imana." Maze aravuga ati, "Twizera ko yaba ikirere gihindutse n'ikindi cyose cyaba, Imana niyo murengezi wacu."

Aravuga ati, "Mama, nizera buri kimwe cyose muri byo," ariko aravuga ati, "igihe uriya murabyo unyegereye," ati, "Mba nshaka Imana ifite uruhu kuri yo."

Noneho ndatekereza ko atari Junior wenyine, ahubwo twese twumva twiyumva muri ubwo buryo. Igihe tugiye hamwe, tugasengerana umwe ku wundi… Imana ifite uruhu kuri yo.

64 Kandi tubona hano ko Imana igihe cyose yari ifite uruhu kuri Yo. Igihe Mose yayibonye, Yari ifite uruhu kuri Yo; Yasaga n'umuntu. Igihe Imana yari inyuma y'igitwikirizo, Yari ifite uruhu kuri Yo. Kandi Imana uyu mugoroba mu Itorero Ryayo itwikiriwe mu Itorero Ryayo hamwe n'uruhu kuri Yo. Iracyari ya Mana imwe uyu mugoroba. Ibyo turabibona.

Ariko noneho, nkuko byahoze, igitwikirizo cy'uruhu nicyo gifata imihango. Ntabwo bashobora kwizera ko iyo ari Imana irimo gutera abo bantu gukora nk'ibyo. Murabona? Ni ukubera ko Imana yitwikiriye mu itorero Ryayo, mu ruhu, uruhu kuri Yo. Uko ni ukuri. Yihishe abatizera maze Yihishurira abizera. Yego, mugabo.

65 Noneho, igihe imihango yabo yari igitwikirizo kubw'iyo mihango y'abakuru maze Ijambo rikabyinjiramo (oh, birumvika ko ari uyu munsi), noneho byaje mu buryo bugaragara, turamubona; Ubumana na none buhishwe mu mubiri w'umuntu. Abaheburayo 1 niko havuga, ndetse no mu Itangiriro 18. Mwibuka ko Imana yari Umuntu, Ihagaze aho Irimo kurya ndetse Irimo Ivugana na Abraham, maze Ivuga icyo Sara yarimo akora aho mu ihema inyuma Yayo. Maze Yesu aravuga ati, "Nkuko byari bimeze mu minsi y'i Sodomu, uko niko bizaba mu kuza k'Umwana w'umuntu," Ubumana bwongeye gutwikirwa mu mubiri w'umuntu.

Noneho mwibuke, Yesu ntabwo yavuze ati, "Igihe Umwana w'Imana azahishuka," muri Luka igice cya 17, ndibwira, kandi ari ku murongo wa 20, 21, ahantu nk'aho ngaho; Aravuga ati, "Kandi igihe Umwana w'umuntu azahishurwa," Umwana w'umuntu yongeye kugaruka mu itorero nanone, ahishutse mu biremwa muntu, atari Umwana w'Imana, ahubwo Umwana w'umuntu nanone, agarutse mu itorero Rye nanone mu minsi yanyuma. Tubona ko Yasezeranije ibyo mu masezerano y'Imana.

66 Tubona ikindi kintu. Mu Iserano rya Kera (Mfite Ibyanditswe hano mu Kuva) ko rwa ruhu rwa kera rwa tahashi, ni iki rwakoze? Rwahishe abantu ubwiza bw'Imana. Impu za tahashi. Impamvu abantu batashoboraga kubibona, kubera ko byababaga ari uruhu rubihishe... Urwo ruhu rwari... Ubwiza bw'Imana bwari inyuma y'uruhu. Kandi noneho, ubwiza bw'Imana buri inyuma y'impu zanyu (Ibyo ni ukuri.), kandi imihango ntabwo ibibona. Biri imbere mu gitwikirizo aho Ijambo Rye ryari.

67 Ni iki cyari imbere muri izo mpu, aho imbere, izo mpu za kera za tahashi, ni ubuhe bwoko bw'ubwiza bwari aho twashoboraga kwifuza? Kandi igihe Yambaye umubiri maze Igatura hagiti muri twe, nabwo Nta bwiza yari ifite twashoboraga kwifuza. Kandi noneho, icyo kintu kimwe kiriho none. Nta kintu kiri mu mugabo cyangwa umugore cyashobora kwifuzwa, ariko ni ikirimo aho imbere. Icyo nicyo gihari

"Rero," uravuga uti, "uriya muntu ndamuzi yigeze kuba umusinzi. Yigeze akor ibi." Ntabwo nitaye kucyo yahoze ari cyo. Ni iki gihishwe inyuma y'izo mpu? Ni iki kirimo imbere aho, icyo nicyo kibarwa, abantu barahumwe; uruhu rwahumye abantu. Murabona?

Baravuga bati, "Mwibuka igihe uriya mugore yahoze..." Nzi ibyo yahoze ari byo, ariko ubu bimeze bite? Murabona? Izo ni za mpu igihe kimwe zari kuri tahashi, ariko noneho zihishe ubwiza bw'Imana, yari ituyemo aho. Zari ku nyamaswa, ariko ubu zihishe ubwiza bw'Imana.

Kandi uko niko uruhu rwawe rushobora guhinduka uyu mugoroba rukaba ahantu Imana ituye, Imana ituye mu kiremwa muntu.

68 Murebe, impu za tahashi ya kera, tubona aho inyuma yazo aho mu imbere hari Ijambo. Kandi Ijambo… Hariho imitsima yo kumurika. Inkuge bayiminjagiragaho. Kandi ibyo byari ibiki? Ubwiza bwa Shekina bwari aho.

Noneho, Ijambo ni Imbuto, kandi ntirishobora kumera kugeza izuba rirashe kuri Yo. Izuba rigomba kurasa ku mbuto kugira ngo imere, kugira ngo rutume isohoka. Kandi ubwo nibwo buryo bwonyine bwo kwakira Ijambo. Murabona? Ufate Ijambo ry'Imana mu mutima wawe maze ugendere mu bwiza bwa Shekina. Kandi igihe ubikoze, bizazana manu yo kumurikwa iyo ihabwa gusa abantu bashizwe ukwabo. Ikintu cyonyine gishobora kuryaho, icyo cyemerewe kuryaho, ni abantu babyemerewe.

Kandi mwitegereze, Pawulo yaravuze hano ati, "Tuva mu bwiza tujya mu bundi." Murabona, amaherezo biza gusubira mu bwiza bw'umwimerere.

Bimeze nk' imbuto y'ubwiza bwa mu gitondo.

69 Imbuto y'indabyo, igwa mu butaka. Imbuto y'ibigori igwa mu butaka. Ikintu cya mbere ni iki? Irakura, maze ikarabya indabo, maze utwo turabyo duto; hanyuma tukazana imisatsi. Noneho nyuma y'imisatsi tukagaruka ku mbuto y'Umwimerere.

Rero, icyo nicyo neza neza itorero ryakoze. Ryaturutse kuri Luteri, Wesleyi, kandi ubu, risubiye ku mbuto y'umwimerere, rigarutse ku bwiza bwaryo bw'umwimerere. Ikagaruka ku bwiza yahoranye kw'itangira. Izuba rirasira mu burasirazuba ni ryo zuba rimwe rigaragara mu buryo bumwe mu burengerazuba, riva ku bwiza rijya ku bundi.

Barahindutse bava mu bupagani biramanuka bijya mu Baluteri, biramanuka bijya kwa Wesley, maze biva kwa Wesley hanze aho mu Bapantekote, birakomeza, tuva mu bwiza tujya mu bundi, bikazana ya manu yahishwe. Kandi noneho, rirakuze bihagije rimuzane uko Yari ameze mu itangira, ni umurimo umwe, Yesu umwe, imbaraga zimwe, Umwuka Wera umwe. Uwo umwe wamanutse ku munsi wa Pantekote ni Umwuka Wera umwe urimo wigaragaza uyu munsi; tuva mu bwiza, tujya mu bundi, mu bundi bwiza, maze tugasubira ku mbuto y'umubatizo w'Umwuka Wera, hamwe n'ibimenyetso bimwe, ibitangaza bimwe, umubatizo umwe, bantu bamwe bari gukora mu buryo bumwe, hamwe n'imbaraga zimwe, amarangamutima amwe. Ni ukuva mu bwiza tujya mu bundi. Kandi igikurikiraho ni guhinduka uva mu bwiza ujya mu mubiri umeze nk'Umubiri We ku gite cye w'ubwiza aho tuzamubona. Abraham yabonye ibintu bimwe.

70 Noneho, mwitegereze. Tubona uburyo byahindutse. Guhera i Karuvari twatumiwe kugabana ku bwiza Bwe. Noneho, mu I Korinto 12, "Twabatijwe mu Mubire We." Binyuze mu Mwuka umwe twese twarabatijwe, atari mu mazi amwe; Umwuka umwe twese niho twabatijwe. Uko ni ukuri. Noneho. Maze tugahinduka igice Cye. (Ndibwira ko ntarimo kubatinza cyane. Murabona? Ndibwira ko atariko biri. Murabona? Ndibwira ko ataribyo.)

Ariko bimeze nk'iyo ndirimbo ikomeye icurangwa aho hanze cyangwa gukina inkinamico. Ntabwo nzi byinshi ku njyana z'indirimbo cyangwa inkinamico, ariko narimo ndeba uyu mukino. Narimo mvuga kuri Carmen, igihe umukobwa wanjye n'abandi bari muri yo. Kandi barimo bakina aho hanze... N'indirimbo irimo icurangwa mu buryo bumwe. Uko niko bimeze igihe wabatijwe mu Mwuka Wera muri Kristo.

71 Noneho, murabona, benshi muri mwe mwasomye inkuru y'uwo muhimbyi ukomeye w'umurusiya wahimbye "Petero n'Ikirura." Kandi n'uburyo bayicuranga mu ngoma na buri kintu. Kandi uwo ari wese uzi iyo nkuru, akaba yarayisomye mu mpapuro, maze akumva iyo njyana, uburyo ikora aho hanze, inkina mico, barayikina, kuko, bazi buri mpinduka. Bashobora kuyirebaho hano maze bakabona impinduka. Ariko noneho, ni iki kiba iyo umuhimbyi ahimbye ikintu, maze tukabona ko bagikinye uburyo butari bwo? Tubona ko hari ikintu noneho cyabaye; haba hari ikintu kibura. Turabireba... Uwo wagihimbye aba yagihanze maze akacyandika, maze bakagicuranga mu njyana maze kigafata umurya utariwo; haba hari ikintu kitagenda neza. Umuyobozi aba yatanze ikimenyetso kitaricyo. Murabona?

72 Kandi icyo nicyo kibazo uyu munsi, bene Data b'Abaluteriyani, bene Data ba Batista, bene Data b'Abapantekote, bene Data bose baturutse mu madini atandukanye; uko niko bimeze murabona? Murimo kugerageza gutanga inota ryakoze kera mu gihe cya Luteri, cyangwa Wesley, nk'ibyo, mu gihe Urupapuro rw'Indirimbo rugaragaza hano ko ari undi munsi. Murabona, murabona? Ntabwo ushobora kubaho mu mucyo wa Luteri; yari umugorozi. Dushima igice cye, ariko aho haratambutse. Turi hano noneho hagana inyuma mu Gitabo ubu. Murabona? ntabwo twayiririmba gutyo.

73 Noneho, uburyo bumwe noneho ushobora kubasha kubikora, mwene Data, ni ubu. Kandi bene Data b'isi (bo mu bice bitandukanye by'isi, nkuko navuga), hari uburyo bumwe bw'ibyo… Ku cyo uwo muyobozi yakora. Agomba kujya mu mwuka umwe n'uwo umuhimbyi yarimo, noneho nibwo yabikora. Kandi igihe itorero, indirimbo ubwayo (aho isi irimo kureba ibimenyetso n'ibitangaza), igihe itorero, n'Umuhimbyi, n'umuyobozi bose bagiye mu Mwuka w'Umuhimbyi, noneho igihe bavuze bati, "Iminsi y'ibitangaza yarahise," Ntabwo baba bafashe inota ririryo. Ariko iyo binjiye mu njyana nyayo yayo n'umwuka w'ukuri wayo.... Ni gute mwabigeraho aramutse atari Umwuka uturutse ku Muhimbyi? Amena.

74 Noneho igihe uvuze uti, "Iminsi y'ibitangaza ntabwo yahise," injyana iravuga iti, "Amena."

Igihe dukoze kuri iri, "Yesu Kristo, Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka," injyana iravuga ngo, "Amena."

"Muzakira imbaraga nyuma y'uko Umwuka Wera abajeho"; injyana iravuga iti, "Amen. Ndawufite." Akaba nta bintu byo gukekeranya kubijyanye nabyo noneho; injyana yo iba ihuza neza n'Ijambo. Bijyanye [Mwene Data Branham arabyerekana akoresheje gukoma mu mashyi—Ed.] Niko biri. Oh, ni ikintu cyiza. Umuyobozi n'Umuhimbyi bagomba kuba mu Mwuka, kandi uko niko umucuranzi aba mu Mwuka umwe

kugira ngo akore byose. Maze isi igatangazwa n'ibirimo kuba.

Communism bavuga, bintera kugubwa nabi, n'ibyo bintu byo kwishyira hamwe, n'ibindi bintu bindi, kandi no kwivangura (Oh, ubagirire imbabazi.), nk'ibyo, n'ibi bintu byose by'ubupfu mu gihe kuza k'Umwami kuri hafi, hari ikintu kitagenda neza. Mfite ubwoba ko umuyobozi w'indirimo ashobora kuba yavuze mu Mwuka w'Umuhanzi.

75 Igihe twinjiye mu Mwuka w'Umuhanzi, izo mbaraga z'umwimerere z'Imana (izo zo muri Bibiliya zivuga ko abantu ba kera bagendaga bayobowe n'Umwuka Wera mu kwandika Bibiliya), mushobora kubona bya bice bibiri by'urupapuro rw'Abashinwa bizahwana nkuko Bibiliya y'Imana n'umwizera bizaza hamwe. Kubera byombi biri mu Mwuka umwe, byombi n'ikintu kimwe, birahwanye byose hamwe.

Icyo dukeneye uyu munsi ni abayobozi. Uko ni ukuri. Tugaruke mu Ijambo. Tugaruke maze turyizere nkuko Rivuze.

Noneho murabona Imana Ubwayo; uku ni ukwihishura; inkinamico ihindutse ukuri.

76 Uyu munsi baravuga bati, "Rero, Yo ni Imana y'amateka. Tuziko Yambutse Inyanja Itukura. Yakoze ibi byose, kandi Yari mu itanura ryaka umuriro hamwe n'abana b'Abaheburayo." Ese ni iki Imana y'amateka yaba imaze, niba Itakiri yayindi Uyu munsi?

Umuntu ahimbariza Imana icyo Yakoze, agatekereza icyo Izakora, kandi akirengagiza icyo Irimo gukora. Ibyo biri mu muntu gukora ibyo, kandi ni ibintu bimwe uyu munsi, bene Data; ni ikintu kimwe.

Oh, mbega. Reka dusubire inyuma maze dukosore injyana icurange neza, aho isi ishobora kubona. Yesu yaravuze ati, "Nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose kuri njye." Kandi We Ari uko Yari ejo hashize, none, n'iteka.

Reka abayobozi bajye mu Mwuka ukwiriye hamwe n'abacuranzi bahuze n'Umuhimbyi, buri kintu kizaba gitunganye. Noneho aho hazaba nta gukekeranya kuri byo, tuzaba dusa na We noneho. Abaheburayo 13:8 haravuga hati, "Ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka."

77 Twisanisha na We mu Byakozwe n'intumwa 2. Twisanisha nabo mu mubatizo umwe, ibintu bimwe. Ibyo Yaribyo noneho, kandi ibyo Aribyo byose, ibyo Yari byo byose, kandi nibyo Aribyo byose, nibyo turi byo. Nibyo neza neza.

Ni kimwe n'uko, iyo nshatse kuba Umunyamerika mwiza, ngomba kwisanisha na buri kimwe iricyo, buri kintu iricyo. Ngomba kwisanisha nabyo, niba ndi Umunyamerika w'ukuri. Niba ndi Umunyamerika w'ukuri, noneho ubwo naha kuri Plymouth Rock. Amena. Narabikoze, niba ndi Umunyamerika mwiza. Nawe ni uko; mwahagaze kuri Plymouth Rock hamwe na ba data b'abimukira. Kuri Plymouth Rock, igihe bahagaze aho, nari kumwe nabo; uko niko nawe uri, buri muntu.

78 Natwaye ifarasi hamwe na Paul Revere manuka aho hepfo mu muhanda kujya kubaburira kubw'icyago. Uko ni ukuri. Aha hepfo hano muri Valley Forge, nambutse urubura rwo Delaware hamwe n'itsinda ry'abasirikare aho kimwe cya kabiri cyabo kitari gifite inkweto zo kwambara. Nasenganye ijoro ryose na Goerge Washington mbere. Nambukanye nawe i Dalaware n'iyerekwa mu mutima wanjye. Turi Abanyamerika. Yego, mugabo. Kuri Valley Forge, nyakuri narabikoze.

Nashimanye na ba data igihe batanga ishimwe ry'umwimerere; natanze amashimwe ku Mana. Niba nyakuri ndi Umunyamerika, nari nsanishijwe nabo hariya ku meza. Niba nyakuri ndi Umunyamerika, narinsanishijwe nabo igihe nahagararanye na Stonewall Jackson. Niba nyakuri ndi Umunyamerika, nasanishijwe na Boston Tea Party (Yego, mugabo.) Igihe twanze ko birenga hejuru y'amaso yacu. Nari Umunyamerika wukuri, nasanishijwe aho hamwe n'ibyo. Yego, mugabo. Oh, mbega.

79 Navugije Inzogera y'Ubwigenge ku itariki 4 z'ukwa karindiwi mu 1977. Navugije Inzoge y'Ubwigenge hano maze ntangaza ko twigenga. Kuba ndi Umunyamerika w'uko ngomba kubikora. Nasanishijwe n'isoni zayo mu Mpindura, ubwo abavandimwe barwanaga… Ndagomba gutwara izo soni zayo kimwe n'uko ngomba gutwara ubwiza bwayo. Niba ndi Umunyamerika, ngomba kuba gutyo. Nari narashushanyijwe na we. Yego, mugabo.

Nasanishijwe na Gettyburg hano hepfo, igihe Lincoln yarimo avuga ijambo. Yego, mugabo. Narindi kuri Wake Island, hamwe na ayo maraso atemba ku mibiri y'abasirikare. Narahagurutse kuri Wake Island. Kuri Guam nafashije mu kuzamura iryo bendera. Ndi umunyamerika w'ukuri. Amena. Icyo iri cyose, ndicyo, kandi ndabyishimira. Yego, ni ukuri. Abanyamerika bose niko bari, Icyo iri cyose, ndacyari ibyo kugira ngo mbe Umunyamerika. Icyo yari cyo cyose, ngomba kukiba, kubera nisanisha na yo.

80 Ni ibintu bimwe kubwo kuba Umukristo. Ugomba gusanishwa nabyo. Nabwirije hamwe na Mose ndetse turarwanana… Hamwe na Nowa maze tuburira abantu kubw'urubanza ruzaza, kubwo kuba Umukristo w'ukuri. Nari kumwe na Mose aho ku gihuru cyaka kidashya; Nabonye Inkingi y'Umuriro; Nabonye ubwiza Bwe. Nari kumwe na Mose aho haruguru mu butayu. Kubwo kuba Umukristo, nisanishije na buri kintu

cyose Imana yari cyo, kubwo kuba Umukristo. Nabonye ubwiza Bwayo; numvishe Ijwi Ryayo. Ntimugerageze kubinsobanurira ukundi noneho, kubera ko narindi aho. Nzi ibyo ndimo kuvuga. Ndabona ikirimo kuba. Yego, mugabo.

81 Narindi ku Nyanja Itukura igihe nabonye Umwuka w'Imana maze urundanya amazi uruhande rumwe, atari ikirundo cy'ibikangaga, nk'ibyo bagerageza kuvuga uyu munsi, ariko hasi mu mazi nka metero 27,4. Nabonye Umwuka w'Imana. Nagendanye na Mose ku Musozi Sinayi maze mbona inkuba n'imirabyo bimanuka. Nariye manu hamwe na bo aho hanze. Nanyoye kuri icyo Gitare; ndacyabikora n'uyu mugoroba. Nisanije n'abaryaga manu. Nisanishije n'abanywaga ku gitare.

Nisanishije nabo igihe Yosuwa yavugije impanda maze ibikuta by'iyeriko bikagwa. Nari mu mwobo w'intare hamwe na Daniyeli. Nari mu itanura ryaka umuriro hamwe n'abana b'Abaheburayo. Nari kumwe na Eliya ku Musozi wa Karumeri.

82 Nari kumwe na Yohana Umubatiza kandi turi imbere y'abo baneguranyi. Nabonye Umwuka w'Imana umanuka; numvishe ijwi ry'Imana rivuga riti, "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda uwo Nishimira guturamo." Yego, mugabo. Nyakuri nisanishije na we. Ibyo nibyo nyakuri.

Twarisanishije aho ku mva ya Lazaro igihe Yazuraga Lazaro. Nisanishije n'umugore wari ku iriba igihe Yamubwiye ibyaha bye. Yego, mugabo. Nisanishije na We mu Rupfu Rwe. Kandi Nisanishije nawe kuri Pasika ya mbere; Nazukanye na We mva mu rupfu. Nisanishije na we mu rupfu Rwe.

Nari kumwe na babandi 120 mu cyumba cyo hejuru. Nisanishije nabo aho hejuru. Oh, mbega uko mfashijwe. Uh-huh. Oh mbega. Nisanishije nabo hariya. Ndi umwe muri bo. Narisanishije; nagize imyitozo imwe niyo bagize. Nari ndi hariya biba, kubwo kuba Umukristo w'ukuri.

Nabaye umuhamya w'umuyaga uhuha cyane waje. Ibyo ndi umuhamya wabyo. Numvishe imbaraga z'Imana ubwo zanyeganyezaga. Nari kumwe nabo ubwo bavugaga mu ndimi. Numvishe gusigwa kuzamo hariya. Nari kumwe nabo. Nisanishije na bo ubwo Umwuka Wera yatangiraga kuvugira mu ndimi binyuze muri bo. Nari kumwe na Petero mbere y'abo bahanyi mu Byakozwe n'intumwa ibice 2, ubwo yabwirizaga ikibwiriza gikomeye... nari kumwe na we. Yego, mugabo.

83 Mu Byakozawe n'intumwa 4, igihe bateraniraga hamwe, nari kumwe nabo igihe inzu yanyeganyegaga. Nyuma y'amasengesho, inzu y'aho bari bicaye; nisanishije nabo hariya.

Nabwirije hamwe na Pawulo kuri Mars'Hill. Yego, mugabo. Nari kumwe na Yohana ku kirwa cyitwa Patmos maze mbona kuza Kwe kwa kabiri. Nari kumwe na Luteri mu bugorozi. Nari kumwe na Wesley, ubwo yahagurukaga maze akabakura mu muriro, igihe habagaho imyigaragambyo ikomeye barwanya itorero ry'Abangilikani; nari kumwe nawe.

Kandi hano ndi muri uyu mugoroba mu 1964, muri Philadelphia, Pennsylvania, nisanishije hamwe n'iryo tsinda rimwe, hamwe n'ubwo bwoko bw'imyitozo. Ngomba kubiba kugira ngo mbe Umukristo. Ngomba kuguma nkisanisha naho Ijambo ry'Imana ririmo kugaragazwa.

84 Ndikwisanisah n'itsinda ryumva Umwuka w'Imana. Ndi kwisanisha n'itsinda iryo riziko Yatwikuruwe, iryo riziko We Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, kandi bakaba baziko ibi atari ibintu byo gukundirira; ari Yesu Kristo uri uko Yari ejo hashize, none, n'iteka. Nisanishije n'iryo tsinda muri uyu mugoroba, nyamara biswe itsinda ry'abanyabice, n'igihiriri cy'abakundirira kubera Ijambo ry'Imana. Ariko ntabwo ntewe isoni n'Ubutumwa bwa Yesu Kristo, kubera ko ni imbaraga z'Imana zizana agakiza kuri abo ngabo.

Ndi kumwe nabo izo nzandiko nzima abo mvuga, bahamirijwe, Imana yitwikiriye mu mubiri w'umuntu mu bagabo n'abagore.

85 Oh, Imana muri uko guhindagura amashusho Kwayo Yihishuye Ubwayo maze Yimenyesha Ubwayo Abantu Bayo, Umwami ukomeye Warambitse iruhande ubwiza Bwe. "Hasigaye gato maze isi ntiyongere kumbona ukundi. Nzaba ntwikiriwe kuri bo, ariko muzambona; kubera nzaba hamwe namwe, yewe no muri mwe ahantu hose kugeza ku iherezo. Ihindura Iva kuri Luteri Ijya kuri Wesley, no gukomeza, Mva mu bwiza Njya mu bundi, Ndacyari ya Mana imwe irimo isubira mu bwiza bw'umwimerere." Halleluya.

86 Yasenye buri gitwikirizo cyose cy'idini, buri mbibi yose y'amajwi. Ayo majwi avuga ati, "Oh, ni umugukundirira," Yasatuye muri ayo.

Ayo majwi azamo aho maze akavuga ati, "Oh, bariya bantu ni abasazi," Yarayasenye binyuze muri icyo gitwikirizo. Yego, Yarabikoze.

"Oh, ntabwo wabikora. Nta kindi uri cyo uretse itsinda ry'abakundirira." Ibyo Yabinyuzemo arabirenga.

"Nta kintu nk'icyo cyitwa gukira kwa Kimana gihari." Ibyo yarabirenze (oh, mbega.), kubera ko Ijambo Rye ryavuze ko Azabikora. Ntabwo ushobora kunesha Ijambo ry'Imana.

Kandi nguyu hano aho Ahagaze uyu mugoroba, Unesha ushobora byose, kuva Yasenya buri gitwikirizo cy'Abametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani, na buri bwoko bwose bw'ibitwikirizo. Aracyahagaze hagati mu bwoko Bwe uyu mugoro imihango itabashije kumunesha. Reka abantu bavuge ibyo bashatse byose, bakore ibyo bashatse byose, ikintu cyose bashatse; Imana iraje isature muri icyo gikuta cy'amajwi.

87 Kandi mwibuke, bambwiye ko nyakuri igihe indege irenze izo mbibi z'amajwi haba nta rutangira mu kwiruka kwayo. Kandi ndababwira, igihe ubashije kurenga izo mbibi z'imihango, zigira ziti, "Yesu yari inzira kera none We ntabwo akiriyo," igihe mubonye ko Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, aho nta rutangira ku cyo Imana ishobora gukora hano muri iki giterane, ndetse Ikereka iyi si icyo ikeneye; atari mu Imurika Mpuzamahanga, ariko ububyutse bw'isi buzaba bwuzuye ndetse babatizwe no Kugaragara kw'Imana nzima; ihinduranya amashusho Yitwikira Ubwayo mu mubiri w'umuntu. Halleluya.

Nizera ko buri mbibi yose yadutse, buri gitwikirizo. Buri gitwikirizo, nta kintu gishobora guhisha Kugaragara Kwe. Igihe abantu bagize inzara mu mitima yacu, haba hari igitwikirizo kiba cyiteguye gusaduka; ushobora kwishingikiriza kuri ibyo. Yaciyemo buri gitwikirizo Ikoresheje Umwuka Wayo Wera ukomeye. Kandi ahagaze hano uyu mugoroba, Umuneshi ukomeye; Uri uko Yari ejo hashize, none, n'iteka, akiza abarwayi, abatiza abizera, nkuko Yabikoze ibihe byose. Ni We Unesha bikomeye. Abadayimoni bagenewe kurimbuka barimo barahunga. Yego, mugabo. Niko biri igihe Ari aho.

88 Mu gusoza nshobora kuvuga gutya. Nasomye inkuru mu myaka myinshi ishize ivuga ku musaza wacurangaga inanga ya violin, kandi yari agiye kuyigurisha. (Mwumvishe iyo nkuru inshuro nyinshi.) Kandi yashakaga kuyigurisha kubera impamvu runaka. Maze abakoresha cyamunara baravuga bati, "Ninde uri bumpe aya naya?" Kandi ndizera ko bamuhaye ibiceri bike, wenda nk'amasenti mirongwitanu cyangwa ikindi kintu. "Ajyayo inshuro imwe, ajyayo iya kabiri..."

Ako kanya, umuntu aturuka hariya inyuma; aravuga ati, "Mube muretse akanya gato." Arahaguruka maze arayifata. Reka dutekereze ko yayicuranze mo iyi ndirimo;

Hari isoko yuzeye amaraso

Yavuye mu mitsi ya Immanueli

Igihe abanyabyaha, bibiye muri icyo kidendezi,

Bakurwamo iyo myanda yabo yo kwibaraho ikibi:

Igihe ayirambitse hasi, nta jisho na rimwe ryumutse ryari rihari aho hantu. Noneho aravuga ati, "Ninde wayatanga..."

Umwe aravuga ati, "Ibihumbi bitanu."

"Ibihumbi icumi"

Yari isigaye idafite igiciro. Kubera iki? Uwo musaza wa kera umutware w'inanga ya violin yarahishuye agaciro kayo k'ukuri. Oh, mwene Data, mushiki wacu, noneho reka Umutware w'Ijambo waryanditse, uwo Mwuka Wera ukomeye, Akore mu mirya y'inanga Ye hamwe n'urukundo maze Ayinjize mu mutima wawe.

Hari isoko yuzuye amaraso

Yavuye mu mitsi ya Immanueli

Uzahita ubona agaciro kuzuye maze ubone iyo Mana itwikuruwe igaragara mu mirebere yawe, ko Iri uko Yari hano ubwo Yamanukaga ku munsi wa Pantekote aho kubantu, ubwo kenos Ubwayo, Yicuranuriye Ubwayo muri bo. Uko ni ukuri.

Wavuga uti, "Mwene Data Branham, naragerageje. Naragerageje. Nakoze ibi, biriya, cyangwa ibindi."

89 Umunsi umwe, narimfite amateraniro muri Carlsbad, New Mexico; maze tujya aho munsi muri yo senga ishaje y'uducurama aho; yari ifte ishusho ishisha kandi iteye uburyo budasanzwe. Maze tumanukamo aho; maze umuntu umwe, igihe tumanutse mo aho azimya umucyo. Kandi aho, mbega, ushobora gutekereza uburyo hari hijimye cyane. Hari hijimye kuburyo ushobora kubyiyumvamo. Kandi uko niko igihe kirimo kumera. Igihe tubona itorero ryananiwe kumenya Ijambo ry'Imana; igihe tubonye abakobwa bacu b'Isiyoni bakora uburyo barimo gukora; igihe tubonye bene Data banywa amatabi, ndetse bakanywa inzoga, ndetse bagatera ibyo biparu byanduye, n'ibindi, kandi bagakomeza kwatura Kristo (Oh, mbega.); ni umwijima; hari hijimye cyane bishoboka.

Turabona ikimenyetso cyo kuza Kwe. Igihe cyose umwijima ukomeye uza mbere y'uko bucya. Hanyuma Inyenyeri ya Mugitondo ikaza kugira ngo iramutse umunsi, no gutanga ikimenyetso ngo yerekane ko umunsi uje.

90 Mwitegereze. Muri ibyo, igihe bazimije uwo mucyo, hari agakobwa gato kavugije induru mu buryo bushoboka bwose. Kandi hari umuhungu muto wari uhagaze hafi y'umuyobozi. Kandi yabonye uwo muyobozi igihe yazimije itara, nka gutya. Kandi ako gakobwa gato kari hafi kugwa igicuri. Karimo gasakuza ndetse gasimbagurika hejuru no hasi, kavuga kati, "Oh, ni iki kigiye gukurikiraho? Ni ikihe kibazo? Ni ikihe kibazo?"

Muzi icyo uwo muhungu yasakuje? Yaravuze ati, "Witinya mushiki wanjye muto. Hano hari umugabo ushobora kwatsa itara."

Umva, mushiki wanjye muto, ushobora gutekereza ko turi bato kandi turi nyamuke, ariko ntutinye. Hari Umuntu hano Ushobora kwatsa amatara; Uwo ni Umwuka Wera. Ese urabyizeye?

91 Reka twubike imitwe yacu mu kanya gato. Mu mbabarire kuko nabatindanye. Oh, Mana ikomeye yo mu ijuru, Witwikuruye Ubwawe, Wihishuye Ubwawe, Ukiyerekana Ubwawe Ukiyerekana nk'Umwami ukomeye maze Ukemere ko ibyo bigwa mu mitima y'abantu. Kandi ahari kugira ngo babone Uwo utwikuruwe, Uwo Wamanutse maze Agatabura igitwikirizo cyari mu rusengero, maze agasohoka ho muri icyo gitwikirizo, Akaza aho hepfo mu gitwikirizo cy'umuntu nanone ku munsi wa Pantekote, uwo wahoze Ari umwe, Arahindura ava mu bwiza ajya mu bundi

Kandi noneho, twagarutse inyuma nkuko ibyaremwe byose bikora, twagarutse ku mbuto y'umwimerere, aho tuva mu gisekuru kimwe cy'itorero tujya mu kindi. Kandi muri iki gisekuru cyanyuma hano, hano twasubiye kuri cya kintu cy'umwimerere icyo cyamanutse ku munsi wa Pantekote kugira ngo gisohoze buri Cyanditswe, Umucyo mu gihe cya nimugoroba, kandi, "Imirimo Nkora namwe muzayikora," ndetse ibintu byinshi Wasezeranye mu Ijambo Ryawe.

Data, niba hari uri hano utari warenga icyo gitwikirizo, cyangwa niba hari uri hano wiganye undi muntu winjiye mu gitwikirizo, umugirire ubuntu uyu mugoroba, Data. Reka babone Uwo Unesha ukomeye Uhagaze hano, Yuzuye ubuntu n'imbaraga zo kubabarira. Ubiduhe, Data.

92 Kandi mu gihe imitwe yacu yubitse, ese hashobora kuba hari abarimo hano? Ni bangahe (bashobora kuvuga gutya) bavuga bati, "Mwene Data Branham, nzamuye ikiganza cyanjye. Unsengere." Ukomeze wubike umutwe wawe maze uzamure ikiganza cyawe. "Ndashaka kunyura mu gitwikirizo cyose kugeza igihe nyakuri mbona Uwo Unesha." Imana iguhe umugisha. Mbega... Ibiganza. Hejuru mu cyumba cyo hejuru inyuma. Imana ibahe umugisha. Mube abanyakuri. Hariya ibumoso, muzamure ibiganza byanyu, muvuge muti, "Mwene Data Branham, nshobora kuba narabaye Umukristo hashize imyaka, ariko nyakuri, ntabwo nigeze ninjira muri icyo gitwikirizo. Ntabwo nigeze mbikora. Ntabwo nigeze mbona ibyo babonye noneho."

Uyu munsi turabifite, "Ndi igiti kiri ahantu h'ibyago." Fata ururabyo rwakuriye ahantu habi; ushobora kurwitaho, ukarurera, ukarutera umuti, ukaruvomerera; ariko icyo giti cy'umwimerere gikurira aho mu butayu, ubwo bwoko bumwe bw'ururabyo, ruba rusa na rwo; ntabwo rubona amazi na make, ariko ntabwo wasanga agasimba kuri rwo. Ruba rukomeye kandi rudapfa guhinduka. Ruba ari urwukuri...

93 Ese ushobora kugereranye Ubukristo, Ubukristo uyu munsi nicyo bwari cyo ubundi? Ese washobora gutekereza kuri iri tsinda, icyo twita Ubukristo uyu munsi aho hose mu isi, bameze nkuko babandi bari bameze nyuma ya Pantekote, barabatetesha, bakabakubita ku ntugu, kandi bava mu iterero rimwe bajya muri ndi, kandi wavuga ikintu badashaka maze bagahaguruka nuko bagasohoka? Kandi oh, Ese washobora gutekereza ibyo? Oya. Ikibazo ni ikihe? Ni ibyiganano.

Michelangelo, uwo wakoze igishushanyo cya Mose… ushobora kubona icyiganano cyacyo kuri make, ariko icy'umwimerere… Umwe washushanyije ifunguro rya nimugoroba ry'Umwami… Ndakeka icyo gishushanyo cyarashoboraga kugera mu miliyoni z'amadorari, iyo ushobora kukigura. Nta nubwo nzi aho kiri ubu. Ariko ushobora kugura icyo biganyemo kuri make hafi nko ku idorari amasenti mirongwicyenda n'umunani. Wakibona.

94 Kandi uko niko biri uyu munsi. Ubukristo bwa make, ibituburano, aho bisaba kwiyunga ku itorero gusa, ushobora kubugura hano hanze ukishyura itabi, cyangwa gusangira akarahure. Cyangwa umugore wogoshe imisatsi, agasiga iminwa, ushobora kumugura icyo aricyo cyose mu bigezweho by'isi, ariko ntabwo wakora kuri wawundi w'umwimerere.

Naramubonye mu kugaragara kuzuye, ari uko yari ejo hashize, uyu munsi n'iteka. Oh, Abakristo, ese ntimushaka kuba Abakristo b'ukuri? Niba hari utazamuye ibiganza, wabikora muri aka kanya… Ngiye gusenga. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Oh, ibyo ni byiza. Urebe kuri byo.

95 Data wo mu ijuru, Ijambo Ryawe ntabwo Rizasubirayo ubusa. Ni Wowe watanze isezerano. Inshingano zanjye ni ukuvuga ibyo Wavuze. Ndimo ndasubiramo Amagambo Yawe. Waravuze uti, "Uwo wumva Amagambo Yanjye maze akizera Uwo wantumye afite Ubugingo Buhoraho." Warabisezeranye. Kandi, Mwami, tuziko noneho dufite ibyiganano uyu munsi, benshi bavuga ko bizeye kandi batizeye; ibyo turabibona. Ariko, Mwami, hari bamwe b'ukuri noneho.

Ndasenze ngo ubiduhe hano uyu mugoroba kugira ngo buri mugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa, igihugu baba bavamo cyose, ibara ryabo ryose, itorero ryose baba babarizwamo… Oh, Mana, ubuzuze. Reka babone kugaragazwa k'uwo Yesu Umwe uyu munsi aha hagati muri twe, nkuko Yari Ari ku munsi wa Pantekote igihe Yihishuraga Ubwe kuri iki gisekuru, kubwo kuba Umwuka Wera. Ubiduhe.

Kubwo kubona Ijambo risohora, ubuhanuzi bugera aho busohozwa,

96 turagereranya uyu munsi icyitwa itorero ry'isi cyangwa Ishyirahamwe ry'Amatorero ry'Isi, maze tukarigereranya n'isezerano ku munsi wa Pantekote; ntaho bihuriye na gato. Ntabwo dushobora kumesa imyenda yacu yanduye tunyuze muri ibyo.

Ariko, Mwami Mana, niba dushobora kugaruka kuri ya Soko, hari inzira yo kwezwa. Noneho imyitozo yacu n'Ijambo ry'Imana bizahwana kimwe ku kindi; noneho aho dushobora kwishyuza ibyacu. Biduhe, Mwami, uyu mugoroba, nkuko nshyize aba bantu mu biganza Byawe. Ubihe buri wese muri twe nkuko tubikeneye, Data. Turabisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

97 Imana ibahe umugisha. Murakoze cyane kubwo guhagarara mugategereza umwanya munini, kandi munyihanganire nabatindijeho iminota icumi nyuma ya sayine. Imana ibane namwe kugeza ubwo nzababona mu gitondo. Nsubije amateraniro ubu, ndatekereza, ku muyobozi wa gahunda.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7